# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO. E-31 | TARIKI 16-22 NZERI 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU
Madamu Jeannette Kagame yerekanye umuryango nk'ishingiro ry'iterambere 2

AMAKURU
Abashinja u Rwanda gukora Jenoside muri Congo barukina ku mubyimba" 9

MU NTARA
Musanze: Ababyeyi basubiye ku ntebe y'ishuri byabahinduriye ubuzima 14

SIPORO
Perezida Kagame yasuye umuhanda wa Formula 1 muri Azerbaijan 24











# Uruzinduko rwa Perezida Kagame muri Azerbaijan rwaguye umubano



Perezida Paul Kagame yakiriwe na mugenzi we wa Azerbaijan, Ilham Aliyev

ZIGAMA THEONESTE

***Guhera ku wa 19 kugeza ku wa 21 Nzeri 2025, Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yari mu ruzinduko rw'akazi muri Azerbaijan, rwafashije u Rwanda kurushaho kwimakaza umubano n'icyo gihugu.***

Ni uruzinduko yakiriwemo na Perezida w'icyo gihugu Ilham Aliyev, bagirana ibiganiro mu muhezo byakurikiwe n'isinywa ry'amasezerano bishimangira umubano w'ibihugu byombi.

Ayo masezerano ari mu nzego akubiyemo guteza imbere inzego zitandukanye zirimo ubucuruzi, ubukungu, ikoranabuhanga, uburezi n'umuco.

KOMEZA KU RUP.3

# Amagare: Marlen Reusser na Remco Evenepoel begukanye ITT muri Shampiyona y'Isi

SHEMA Ivan

***Umubiligi Remco Evenepoel mu bagabo n'Umusuwisikazi Marlen Reusser mu bagore ni bo begukanye Umudali wa zahabu muri Shampiyona y'Isi yo gusiganwa ku magare mu cyiciro cyo gusiganwa n'ibihe Individual Time Trial-ITT).***

Kuri iki Cyumweru, tariki ya 21 Nzeri 2025, ni bwo mu Mujyi wa Kigali wakiriye Shampiyona y'Isi y'Amagare yahereye mu cyiciro cyo gusiganwa n'ibihe mu bagabo n'abagore bakuze.



KOMEZA KU RUP.3

# Madamu Jeannette Kagame yerekanye umuryango nk'ishingiro ry'iterambere

UBWANDITSI

***Madamu Jeannette Kagame yagaragaje umuryango nk'ishingiro ry'iterambere ry'Igihugu giteye imbere. Abinyujije mu nyandiko ndende, yageneye ubutumwa umuryango nyarwanda avuga ko ugomba kwihatira kuba wuzuye kugira ngo u Rwanda rukomeze urugendo rwo gukira ibikomere by'umubiri ndetse n'iby'umutima kandi na rwo rube ruzima.***

Agaragaza ko mu gihe cyashize hari ibyagiye biba ariko ko hari icyizere cy'uko bitazagaruka. Avuga ko hariho imyumvire ivuga ko umugore atanga byose kandi agakenera bike, umugabo ukwiye ari utegeka kandi ko ubukwe busobanuye kubyara abana hanyuma urukundo n'ibyishimo bikaza ari nk'impanuka.

Ati: "Mu bukwe, buri kimwe cyose kigomba kuba 50/50. Banza uhitemo kuba wowe ubwawe nyuma ushobora kubona undi mwiza. Niba uwo wahisemo atishimiwe n'abandi, uwo mugenzi wawe akwiriye kuba uwawe?"

Ibiganiro bigizwe n'ibitekerezo bitandukanye kandi bikozwe mu bwisanzure bifasha abashakanye.

Bitewe n'urukundo Madamu Jeannette Kagame agirira urubyiruko, bijyanye no kugira ngo umuryango ubeho neza.

Ati: "Kugira ngo umuryango nyarwanda ubeho neza kandi mu bumwe, igicumbi cy'urubyiruko rwacu, haba mu buzima bwiza n'ishimwe ry'ubuzima, bizahora ari intego yanjye."

Mu nama aherutse kwitabira yari igamije kuganira ku buzima bw'abashakanye bakiri bato, hagaragayemo ibitekerezo bikwiye kuganirwaho.

Muri iki gihe urugo rugaragazwa nko kuba ahantu habi, aho abashakanye umwe atumva undi n'abana bakabona ukutumvikana hagati y'ababyeyi babo.

Jeannette Kagame avuga ko atemeranywa n'iterambere rifatwa nk'iryatungwa agatoki ariko ngo hari uko abibona.

Ati: "Imiryango yari ishingiye ku ntego rusange. Ubu irimo gusenywa n'uko buri wese yibera ukwe, akagira ibyo atunze, cyangwa agaciro ke biruta ibya mugenzi we. Ubwikunde burimo kuzamuka, kandi urwego rw'umuryango ku Isi rumeze nk'uruhungabanye."

Mu bihugu byinshi abakuru barasaza mu gihe umubare w'abana barimo kubyara ugenda ugabanuka.

Avuga ko umuntu atateza imbere umubano we n'uwo bashakanye mu gihe umwanya we awuharira imbuga nkoranyambaga aho kugira ngo bagirane ibiganiro nyakuri.

Akomeza agira ati: "Wenda koko, mwe rubyiruko, mufite urugendo rukomeye! ariko ku rundi ruhande, mufite ibikoresho bikomeye cyane byabafasha kubaka no kurinda imibanire yanyu kuko mubayeho mu bihe byorohereza kugira imibanire myiza."

Madamu Jeanette Kagame agaragaza ko mu bihe byashize abantu baganira n'abo bakundana hakoreshejwe uburyo bw'inyandiko bohererezanyaga bazinyujije mu iposita.

Byatumaga abakundana badahura imbona nkubone. Uburyo bw'ihuzanzira urubyiruko rufite, bifatwa nk'impano idasanzwe rufite.

Ibyo bituma kandi habaho ubwisanzure nyakuri aho umuntu aba ari kumwe n'undi, akumvwa, akitabwaho mu gihe ari mu bwigunge no kwishimirwa mu gihe ari mu byiza.

Ati: "Imibanire irambye itanga ibyiza byinshi ku mutima n'imibereho, bigabanya umutima uhagaze, kwagura inshuti.

Urugo rwiza abantu barushyiramo ibyiza, bakarufata neza kandi bakarufasha kuramba bifashishije intego n'inzozi basangiye. Abana bakurira mu rugo rutekanye, rufite urukundo n'ubwuzu, akenshi baba bafite amahirwe mu myigire yabo y'ubwenge, kwigenga no kubasha kugira imibanire myiza."

Uburinganire ni ngombwa kuganirwaho n'abashakanye mu rwego rwo gukomeza urushako rwabo. Inshingano ziganiriweho n'impande zombi zigira uruhare mu gukomeza urugo.

Kubaha, gutekereza mbere yo kuvuga no kuba maso mu gihe uvuga, ibyo ngo ni umuco wibagiranye mu gihe guceceka ntacyo bifasha, muri make ni igihano kitarimo ubwenge.

Kuvugira hejuru bigaragaza gushaka gutera ubwoba cyangwa gusuzuguza uwo mwashakanye.

Icyubahiro, kwitanga no gukorera mu rugo bigira ingaruka ku baturanyi, bikubaka imyitwarire myiza y'abaturage no gukomeza ubumwe bw'Igihugu.

Ati: "Mu by'ukuri, gukunda no gukundwa ni ibintu byoroshye ariko ni ishoramari rikomeye cyane, rifite inyungu zikomeye kurusha izindi kugira ngo imiryango yacu ibe ahantu h'ibyishimo bihoraho no kugira imbaraga zo kugumana hamwe, kwita ku bandi no gutemberana mu bihe byose by'ubuzima."

Icyakoze ngo abamaze kubana bakabona gutandukana kwabo kudashoboka gukemuka, imiryango ikwiye kubafasha kugira ngo bongere bubake bubahanye.



Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko umuryango ari ishingiro ry'iterambere ry'Igihugu





# Uruzinduko rwa Perezida Kagame muri Azerbaijan rwaguye umubano

IBIKURIKIRA URUP.1

Mu kiganiro n'itangazamakuru, Perezida Kagame yashimangiye ko ayo masezerano azafasha ibihugu byombi kwihutisha iterambere no guha amahirwe abaturage babyo.

Yagize ati: "Turashaka kongera imbaraga no kongera umuvuduko kugira ngo ubu bufatanye buzagirire akamaro twese.

Nyakubahwa Perezida, mumenye ko mufite inshuti muri Afurika, u Rwanda, kandi twiteguye gukomeza kubaka ubushuti hagati yacu n'ibihugu byacu."

Perezida Aliyev na we yashimangiye ko Azerbaijan yiteguye gushyira mu bikorwa ibyo bumvikanye, ashimangira ko u Rwanda ari igihugu gifite ubushobozi bwo kuba umufatanyabikorwa w'ingenzi mu Karere k'Afurika.

Muri urwo ruzinduko kandi, ku wa Gandatu tariki ya 20 Nzeri, Perezida Kagame yanunamiye Heydar Aliyev wabaye Perezida wa gatatu w'iki gihugu na Zarifa Aliyeva wari umugore we, mu rwibutso rushyinguwemo abarenga 280 barimo abagize uruhare mu miyoborere y'igihugu, abahanga mu bya siyansi ndetse n'abahanzi bo mu byiciro bitandukanye.

Ku Cyumweru mbere yo gusoza uruzinduko, yasuye umuhanda uberamo amasiganwa y'imodoka nto za Formula 1 witwa Baku City Circuit.

Perezida Kagame yaherukaga guhurira na mugenzi we wa Azerbaijan mu Nama Mpuzamahanga ya 29 y'Umuryngo w'Abibumbye yiga ku Mihindagurikire y'Ibihe (COP29), yabereye i Baku mu Murwa Mukuru w'icyo gihugu, mu kwezi k'Ugushyingo 2024.

U Rwanda na Azerbaijan bisanzwe bifitanye umubano ushingiye ku nzego zinyuranye, ariko ubu bufatanye bushya bugamije kubuteza imbere no guha imbaraga amahirwe yo kwinjira mu ishoramari rihuriweho.

Ubuyobozi bwa Azerbaijan n'ubw'u Rwanda bwagaragaje ko bwifuza kwifatanya mu guteza imbere inzego zitandukanye mu Ukwakira 2024 ubwo Ambasaderi Lt Gen (Rtd) Charles Kayonga yashyikirizaga Perezida Ilham impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda.

Icyo gihe Ambasaderi Lt Gen (Rtd) Kayonga yagaragaje ko inzego ibihugu byombi byakwifatanyamo mu guteza imbere zirimo ubucuruzi, ishoramari, siyansi, uburezi n'ibikorwa by'ubutabazi. Ibyo ni byo yaganiriyeho na Perezida Ilham.

Icyo gihe Perezida Ilham yasabye Ambasaderi Lt Gen (Rtd) Kayonga kumugereza indamutso ye kuri Perezida Kagame.

Umubano w'u Rwanda na Azerbaijan watangiye ku mugaragaro mu 2017. Azerbaijan ifite umudipolomate uyihagarariye mu Rwanda, ufite icyicaro i Addis Abeba muri Ethiopia.



Perezida Paul Kagame yunamiye intwari za Azerbaijan

# Amagare: Marlen Reusser na Remco Evenepoel begukanye ITT muri Shampiyona y'Isi

IBIKURIKIRA URUP.1

Abasiganwa bahagurukira muri BK Arena basoreze kuri Kigali Convention Centre.

Mu bagore bakoze ibilometero 31,2, Umusuwisikazi Marlen Reusser w'imyaka 34 ni we wahize abandi aho yakoresheje iminota 43 n'amasegonda 9.

Yakurikiwe w'Umuholandikazi, Anna van der Breggen arusha amasegonda 51,89.

Ni mu gihe Umunya-Norvege, Katrine Aalerud, yabaye uwa gatatu yasizwe umunota umwe n'amasegonda 24.

Urška Žigart wo muri Slovenia, yabaye uwa cyenda yasizwe iminota itatu n'amasegonda 30.

Umunyarwandakazi waje imbere ni Nirere Xaverine wabaye uwa 27 akoresheje iminota 50,07 ku ntera y'ibilometero 31,2, arushwa iminota itandatu n'amagonda 58 n'umukinnyi wa mbere.

Ingabire Diane yabaye uwa 35 akoresheje iminota 52,57 aho yarushijwe n'umukinnyi wa mbere iminota icyenda n'amasegonda 48.



Marlen Reusser yegukanye Umudali wa Zahabu mu gusiganwa n'ibihe mu bagore



Remco Evenepoel yahigitse Tadej Pogaar

Mu cyiciro cy'abagabo basiganwe ku ntera y'ibilometero 40,6. Umubiligi Remco Evenepoel ni we witwaye neza nyuma yo guhigika mukeba we Tadej Pogačar.

Uyu mukinnyi w'imyaka 25 yahagurutse muri BK Arena ari we wa nyuma, gusa imbere ye hari Tadej Pogačar wahagurutse mbere ho iminota itatu, akaba yari yitezweho kumuhigika.

Abakinnyi bombi bageze mu muhanda w'amabuye w'ahazwi nko kwa Mignonne, Remco amwereka igihandure amunyuraho, ndetse amutanga kuri Kigali Convention Centre amurusha iminota ibiri n'amasegonda 37.

Yakurikiwe n'Umunya-Australia Jay Vine wabaye uwa kabiri akoresheje iminota 51, naho uwa gatatu aba Umubiligi Ilan Van Wilder wakoresheje iminota 52,22.

Nsengiyumva Shemu wahagurutse mbere y'abandi bakinnyi bose mu bagabo, yabaye uwa 25 asizwe iminota itandatu n'amasegonda 55 na Remco wabaye uwa mbere.

Ni mu gihe Mugisha Moise yabaye uwa 31 yasizwe iminota umunani n'amasegonda 54.

Shampiyona y'Isi y'Amagare iri kubera i Kigali, izakomeza ku wa Mbere, tariki ya 22 Nzeri 2025, abakinnyi b'abahungu n'abakobwa batarengeje imyaka 23 basiganwa n'igihe [ITT].



Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi, yateye utwatsi umwanzuro w'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Ibihugu by'u Burayi (EU)

# 'EU isabira Ingabire Victoire kurekurwa irasuzugura u Rwanda'

ZIGAMA Theoneste

***Abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi, bamaganye byimazeyo umwanzuro w'Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Ibihugu by'u Burayi (EU) isaba ko Ingabire Victoire Umuhoza arekurwa, bashimangira ko ari agasuzuguro ku Rwanda.***

Babigarutseho ku wa Mbere tariki ya 15 Nzeri 2025 ubwo basuzumaga icyo cyemezo cya EU, gishimangira ko uwo Muryango wivanze mu butabera bw'u Rwanda kandi ari Igihugu cyigenga ku busugire bwacyo.

Ku wa Kane tariki ya 11 Nzeri 2025, ni bwo Abadepite ba EU bahuye bahamagarira u Rwanda kurekura Ingabire Victoire nta yandi mananiza, mu gihe akurikiranyweho ibyaha bitandatu bijyanye no guhungabanya ituze no kwangisha amahanga Leta y'u Rwanda.

Abadepite n'Abasenateri bavuze ko Inteko ya EU yivanze mu mikorere y'ubucamanza bw'u Rwanda nkana, bashimangira ko ari ibyo kwamaganwa n'Abanyarwanda bose.

Depite Rutebuka Balinda yagize ati: "Ibi bigaragaza ukwivanga mu nzego z'ubucamanza z'u Rwanda. Ubundi iyo izo nzego zikurikirana ikibazo nta zindi nzego zibyivangamo iryo ni ihame mpuzamahnga na bo bazi."

Yavuze ko uko kwivanga kugambiriye kubangamira ubusugire bw'u Rwanda nk'Igihugu cyigenga.

Depite Tumukunde Hope we yagize ati: "Ni umwanzuro uteye umujinya, kuko ukubiyemo ibitekerezo biyobya kandi biharabika Igihugu cyacu. Bavuga ko nta bwisanzure bwo gukora politiki n'umwuga w'itangazamakuru kandi mu by'ukuri byangiza isura y'Igihugu."

Tumukunde yavuze ko umwanzuro w'Inteko ya EU wuzuyemo agasuzuguro ku buryo bigoranye ko Inteko zombi zishobora kuganira ku bibazo bihari. Ati: "Byerekana imitekerereze ya gikoloni."

Visi Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite Uwineza Beline, yavuze ko icyo cyemezo cya EU kuri Ingabire Victoire ntaho gitandukaniye n'icya Rusesabagina Paul na we wahamijwe n'inkiko z'u Rwanda ibyaha by'iterabwoba.

Ati: "Nubwo Abanyaburayi ari abarimu ba demokarasi ari ko bigaragara ko kuri iki cyemezo batabaye bo. Uyu mwanzuro uba wakozwe nk'igikangisho w'uko inkunga zahagarikwa. Ibyo tubiherutse mu mwaka 2021 mu rubanza rwa Rusesabagina, haba harimo gahunda yo kwibasira igihugu no kugaragaza ko nta bwisanzure dufite mu gihugu cyacu."

Senateri Nyirasafari Esperance yavuze ko kuba EU yinjira mu miyoborere y'u Rwanda atari ibyo kwihanganira kuko ari ikibazo cy'Igihugu muri rusange.

Ati: "U Rwanda rwubahiriza amahame n'uburenganzira bwa muntu. Ntabwo umuntu yakwihisha mu bijyanye n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo ngo akore ibyaha ngo abantu babirebere."

Senateri Rugira Amandin yashimangiye hakenewe dipolomasi ishingiye ku Nteko Ishinga Amategeko mu rwego rwo gukumira ibibazo nk'ibi bifatirwa hanze y'u Rwanda bigamije kuruharabika.

Ni ikibazo intumwa za rubanda zavuze ko zasesenguye zisanga ari icy'inyungu rusange bityo kiba kirimo gusuzumwa n'inama ihuriweho ya za Komisiyo z'Abadepite n'Abasenateri zifite mu nshingano politiki, hagamijwe kugifataho umwanzuro.

Nyuma yo gusuzuma icyo kibazo bagasanga ari icy'inyungu rusange Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi yemeje ko Komisiyo za Politiki n'Imiyoborere z'iyo mitwe zicara zigasuzuma iki kibazo zigakora raporo.

Ingabire Victoire wasabiwe gufungurwa yaburanye ahakana ibyaha byose aregwa avuga ko ari umubyeyi, Umunyarwandakazi n'umunyapolitiki, bityo ko atakwifuriza inabi u Rwanda.

Muri Nyakanga, Urukiko rw'Ibanze rwa Kicukiro rwamukatiye igifungo cy'iminsi 30 y'agateganyo afunzwe kubera ko ibyaha akurikiranyweho bihungabanya umudendezo w'Igihugu.

Urukiko rwavuze ko aramutse akurikiranywe ari hanze yaba abonye umwanya wo gushyira mu bikorwa umugambi we, cyangwa akabangamira iperereza cyangwa agatoroka ubutabera.

Madamu Ingabire Umuhoza Victoire yafunzwe n'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) muri Kanena 2025 nyuma yo kubisabwa n'Ubushinjacyaha kugira ngo hashyirwe mu bikorwa icyemezo cy'Urukiko Rukuru mu rubanza ruregwamo Sibomana Sylvain na bagenzi be.

# MINEDUC yagaragaje ibizakorwa ku banyeshuri bazamara icyumweru batiga

NYIRANEZA Judith


***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yatangaje ko mu Mujyi wa Kigali, abanyeshuri bazahagarika amasomo icyumweru kiva ku ya 21-28 Nzeri 2025, kubera irushanwa rya Shampiyona y'lsi y'Amagare (UCI) rizabera mu Rwanda, bakazahabwa ibyo bazaba bakora ndetse hakazarebwa uburyo icyo gihe kizongerwa ku ngengabihe y'amasomo.***

Ku bufatanye n'Umujyi wa Kigali, MINEDUC yamenyesheje amashuri yose (y'inshuke, abanza, ayisumbuye na kaminuza), ababyeyi ndetse n'abanyeshuri ko mu rwego rwo kwitegura no kwakira irushanwa rya Shampiyona y'lsi yAmagare (UCI: Road World Championships) rizabera mu Rwanda kuva ku wa 21- 28 Nzeri 2025, amasomo azahagarikwa by'agateganyo muri icyo gihe mu Mujyi wa Kigali.

Ni mu rwego rwo korohereza imyiteguro y'irushanwa no kutabangamira umutekano w'abaturage n'abitabira iki bikorwa.

Amashuri yose yo mu Mujyi wa Kigali azafunga by'agateganyo kuva ku itariki ya 21, amasomo azasubukurwa nk'uko bisanzwe ku wa Mbere tariki ya 29 Nzeri 2025.

Iminsi abanyeshuri batagiye ku ishuri izongerwa ku ngengabihe y'amashuri, kandi amashuri



Abanyeshuri bo mu Mujyi wa Kigali bazamara icyumweru batajya ku ishuri, baziga hifashishijwe ikoranabuhanga

yasabwe gutegura hakiri kare uburyo bwo kwigisha hakoreshejwe ikoranabuhanga, imikoro yo mu rugo cyangwa andi masomo afasha abanyeshuri.

MINEDUC yibukije abanyeshuri gufata uwo mwanya nk'igihe cyo kwiga no kumenya byinshi ku mikino y'amagare, uburyo itegurwa ku rwego mpuzamahanga ikanashimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare muri urwo rwego.





# U Rwanda na Maroc basinyanye amasezerano y'ubufatanye

KAYITARE Jean Paul

***Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) n'Urwego rushinzwe amagereza mu gihugu cya Maroc (DGAPR) basinye amasezerano mu bijyanye no kugorora.***

Aya masezerano yasinywe mu gihe Komiseri Mukuru wa RCS, CG Evariste Murenzi, yari yitabiriye ubutumire bwa mugenzi we wo muri Maroc, DG Mohamed Salah Tamek. Ni ubutumire bugamije guteza imbere umubano w'inzego zombi.

Umuvugizi w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora, CSP Hillary Sengabo, yabwiye Imvaho Nshya ko isinywa ry'amasezerano ryitabiriwe n'Ambasaderi w'u Rwanda muri Maroc, Umutoni Shakilla, ku wa Kabiri tariki 16 Nzeri 2025.

Yagize ati: "Amasezerano yasinywe hagati ya DGAPR na RCS agamije guhana amahugurwa, kubaka ubushobozi bw'abakozi mu gucunga abagororwa n'umutekano wabo mu Igorora."

CSP Sengabo avuga ko mu masezerano yasinywe harimo no guhana ubumenyi mu nzego zitandukanye nko gutegura abenda kurangiza ibihano gusubira mu buzima busanzwe.

Kuva mu 2016, u Rwanda na Maroc byifatanya mu ishoramari mu buhinzi, mu bijyanye n'imiti, inganda, ingufu ndetse no guteza imbere ibikorwaremezo.

Mu bufatanye u Rwanda rufitanye na Maroc harimo guteza imbere urwego rw'ububinzi, binyuze mu gusangira ubunararibonye no kohererezanya impuguke, gufatanya mu gufata neza amazi no kuhira imyaka, kongera ishoramari no koroshya itangwa ry'inguzanyo mu buhinzi, n'ishoramari mu kubaka uruganda rukora ifumbire ijyanye n'ubutaka bw'u Rwanda.

U Rwanda na Maroc ni ibihugu bifitanye umubano mwiza ushingiye kuri za Ambasade n'ubufanye mu nzego zitandukanye, aho Maroc ifite Ambasade mu Rwanda ndetse n'u Rwanda rukaba rwarafunguye Ambasade yarwo muri Maroc guhera mu 2019.



U Rwanda na Maroc basinyanye amasezerano mu bijyanye no kugorora



Inteko Ishinga Amategeko yabwiye EU ko u Rwanda atari insina ngufi yo kuba EU yaba abavugizi babarwanya Leta y'u Rwanda

# Ntituri insina ngufi- Inteko y'u Rwanda isubiza iya EU isabira Ingabire Victoire kurekurwa

ZIGAMA Theoneste

***Inteko Rusange y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda yikomye Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) yibutsa ko u Rwanda atari insina ngufi, kandi ko mu nshingano bafite hatarimo kuba abavugizi b'abarwanya Leta y'u Rwanda.***

Abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi babigarutseho ubwo bamaganaga umwanzuro w'Inteko Ishinga Amategeko ya EU washingiye ku nyungu n'imyumvire y'ibihugu bisanzwe bifitiye u Rwanda urwango.

Ubwo basesenguraga uwo mwanzuro, bagaragaje ko ari ikimenyetso cy'agasuzuguro n'ubukoloni bushya, ndetse ko ubangamiye ubutabera n'ubusugire bw'u Rwanda.

Perezida Komisiyo y'Imiyoberere na Politiki muri Sena y'u Rwanda, Dr Usta Kayitesi wagejeje Raporo ya Komisiyo zihuriweho z'imitwe yimbi, kuri iki kibazo.

Yagize ati: "Bishingiye ku makuru abogamye adashingiye ku mategeko, agorekwa n'abanyapolitiki n'ibihugu bifitiye u Rwanda urwango."

Depite Nizeyimana Pie yagize ati: "Abadepite b'u Burayi bafashe imyanzuro ku Rwanda no ku bihugu bya Afurika muri rusange. Nagira ngo nibutse EU ko u Rwanda rutakiri igihugu bakolonije. Ingabire ntabwo ari hejuru y'amategeko, kandi DALFA Umurinzi bavuga ko ayoboye, ntabwo ari ishyaka rya politiki ryemewe mu Rwanda."

Depite Icyitegetse Venuste na we ati: "Ntabwo u Rwanda ari insina ngufi buri wese yacaho ikoma. Kuvuga ngo barekure Ingabire Victoire ni ibikangisho. Abanyarwanda ntabwo dutewe ubwoba na gato n'ibyo bikangisho, twahisemo kwigira no kwishakamo ibisubizo."

Depite Mujawabega Yvonne na we yibukije EU amahame mpuzamahanga ashyiraho umurongo ugaragaza ko nta gihugu cyemerewe kwivanga mu miyoborere y'ikindi.

Ati: "Nta gihugu gikwiriye gushyira igitutu ku kindi, ahubwo buri gihugu gifite inshingano yo kwirinda kubangamira no kubahiriza ubwigenge bw'ikindi."

Uwizeye Pelagie na we yagaragaje ko imyanzuro ya EU yuzuyemo amakosa n'ibinyoma, ati: "Nubwo bavuga ko Ingabire ari umunyapolitiki utavuga rumwe n'ubutegetsi, amategeko yacu asobanura ko bose, abanyapolitiki, abanyamakuru cyangwa abaharanira uburenganzira bwa muntu, bareshya imbere y'amategeko."

Yibukije ko Itegeko Nshinga ry'u Rwanda mu ngingo yaryo ya 38 ryemerera buri wese uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo, ariko bikagomba gukorwa mu buryo buboneye, hatabangamiwe inyungu rusange z'Igihugu.

Depite Mukabunani Christine uyobora ishyaka PS Imberakuri ritavuga rumwe n'ubutegetsi, yasobanuye ko EU nta burenganzira ifite bwo kuvugira abatavuga rumwe n'ubutegetsi bw'u Rwanda.

Ati: "Ntabwo bashinzwe kutuvugira. Igihugu cyacu ni icyacu. Nta muntu wo hanze ugomba kudusaba aho tugomba guhagarara mu miyoborere yacu."

Na ho Depite Tumukunde Aimée, yasobanuriye bagenzi be ko imyanzuro ya EU ari igisa n'ubukoloni bushya.

Yagize ati: "Ni uburyo bwo kugaragaza ipfunwe ibihugu bimwe bifite nyuma yo gutererana u Rwanda mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ubu babona igihugu cyacu cyiyubatse bakumva ishyari."

Abadepite bose bahurije ku kuba uwo mwanzuro wa EU ushingiye ku makuru atari ukuri ndetse ko ugamije gusebya u Rwanda.

Bashimangiye ko imbabazi Ingabire Victoire Umuhoza yahawe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame zitigeze zishingira ku gitutu cy'amahanga, ahubwo zari mu bubasha bwe nk'uko biteganywa n'amategeko.

Inteko y'Inteko Ishinga amategeko yatoye uwo mwanzuro wa Komisiyo za Politi n'Imiyoborere zihuriweho n'imitwe yombi, ikaba igiye kuwusuzuma, ukazashyikirizwa biriba.

Izo nzego zirimo Visi Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe bw'u Burayi, Inama, Komisiyo n'Ibihugu bya EU.

Izashyikirizwa kandi Komisiyo ya Afurika Yunze Ubumwe, Umuryango w'Abibumbye, Loni, Guverinoma y'u Rwanda ndetse n'Inteko Ishinga Amategeko y'Ubumwe bw'u Burayi.



U Rwanda n'u Bushinwa byasinyanye amasezerano y'ubutwerane mu bya gisirikare n'umutekano

# U Rwanda n'u Bushinwa bemeranyije kwagura umubano mu bya gisirikare

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku wa Gatatu tariki ya 17 Nzeri, Guverinoma y'u Rwanda na Repubulika y'Abaturage y'u Bushinwa byasinyanye amasezerano y'ubutwererane mu bya gisirikare n'umutekano.***

Minisiteri y'Ingabo y'u Rwanda yemeje ko ayo masezerano ari intambwe ikomeye mu kurushaho kwimakaza umubano w'ibihugu byombi usanzwe ari nta makemwa.

Igikorwa cyo gusinya amasezerano y'ubutwererane bwa gisirikare hagati y'u Bushinwa n'u Rwanda yasinyiwe i Beijing hagati ya Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda na Minisitiri w'Ingabo w'u Bushinwa Admiral Dong Jun.

Abo bayobozi bahuriye mu Nama ya 12 ya Beijing Xiangshan, yiga ku mutekano igamije kwimakaza uburinganire, gukorera mu mucyo, kudaheza, no guhererakanya ubumenyi.

Umubano w'u Rwanda n'uu Bushinwa watangiye mu mwaka wa 1971, kuva icyo gihe umubano ukaba warushijeho kwaguka uhereye ku butwererane mu bya Politiki n'ubukungu by'umwihariko.

Muri Werurwe 1995, hatarashira umwaka u Rwanda rubohowe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ihagaritswe, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yagiriye uruzinduko rwa mbere rw'akazi mu Bushinwa, icyo gihe akaba yari Visi Perezida na Minisitiri w'Ingabo.

Urwo ruzinduko ni rwo rwabaye imbarutso y'umubano w'ukuri wagiye urushaho kwaguka uko umwaka washiraga undi ugataha.

Mu 2017 Perezida Kagame na bwo yasubiye mu Bushinwa, aho yakiriwe na Perezida Xi Jinping, aho bemeranyije kurushaho kwimakaza ubutwererane mu nzego zitandukanye zigamije kugera ku iterambere rirambye mu bihugu byombi.

Muri Nyakanga 2018, atumiwe na Perezida Kagame, Perezida Xi Jinping na we yasuye u Rwanda akaba ari rworuzinduko rwa mbere Umukuru w'Igihugu cy'u Bushinwa yari agiriye mu Rwanda.

U Bushinwa buri mu bihugu biri ku isonga mu ishoramari ryinjizwa mu gihugu riva hanze. Kuva mu 2019, Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere, RDB, rwanditse ishoramari ry'Abashinwa rifite agaciro k'amadolari ya Amerika miliyari 1.1 by'umwihariko mu bijyanye n'inganda, ubwubatsi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

U Rwanda n'u Bushinwa bimaze imyaka isaga 52 bifitanye umubano wihariye mu nzego zitandukanye ugamije guteza imbere abaturage b'ibihugu byombi.

Umubano w'u Rwanda n'u Bushinwa usanzwe ugaragarira mu bikorwa byinshi bitandukanye, birimo ubuvuzi, uburezi, ubufatanye mu bya tekiniki ubuhinzi, kubaka ubushobozi n'ubufatanye mu ikoranabuhanga n'ibikorwa remezo bitandukanye.

Imwe mu mishinga yarangiye yagizwemo uruhare n'u Bushinwa harimo kwagura Ishuri rikuru ry'imyuga n'ubumenyingiro rya IPRC Musanze, umushinga wo kwagura imihanda mu Mujyi wa Kigali ireshya n'ibilometero 54.

Hari kandi gutera inkunga imirimo y'umushinga w'umuhanda Huye-Kibeho-Munini-Ngoma ureshya n'ibilometero 66 ndetse n'umuhanda wa Sonatubes – Gahanga.

Indi mishinga irimo gushyirwa mu bikorwa igizwe n'umushinga wo kuvugurura no kwagura ibitaro bya Masaka, Umushinga wo kubaka urugomero rw'amashanyarazi rwa Nyabarongo II ndetse n'ubufatanye mu rwego rw'uburezi n'ibindi.

# U Rwanda na Azerbaijan byasinye amasezerano mashya y'ubufatanye


U Rwanda na Azarbaijan basinyanye amasezerano

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, ari kumwe na mugenzi we wa Azerbaijan, Ilham Aliyev, bahagarariye umuhango wo gusinya amasezerano agamije gushimangira umubano w'ibihugu byombi, kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 20 Nzeri 2025, i Baku.***

Ni amasezerano ari mu nzego akubiyemo guteza imbere inzego zitandukanye zirimo ubucuruzi, ubukungu, ikoranabuhanga, uburezi n'umuco.

Mu kiganiro n'itangazamakuru, Perezida Kagame yashimangiye ko aya masezerano azafasha ibihugu byombi kwihutisha iterambere no guha amahirwe abaturage babyo.

Yagize ati: "Turashaka kongera imbaraga no kongera umuvuduko kugira ngo ubu bufatanye buzagirire akamaro kuri twese.

Nyakubahwa Perezida, mumenye ko mufite inshuti muri Afurika, u Rwanda, kandi twiteguye gukomeza kubaka ubushuti hagati yacu n'ibihugu byacu."

Perezida Aliyev na we yashimangiye ko Azerbaijan yiteguye gushyira mu bikorwa ibyo bumvikanye, ashimangira ko u Rwanda ari igihugu gifite ubushobozi bwo kuba umufatanyabikorwa w'ingenzi mu Karere k'Afurika.

U Rwanda na Azerbaijan bisanzwe bifitanye umubano ushingiye ku nzego zinyuranye, ariko ubu bufatanye bushya bugamije kubuteza imbere no guha imbaraga amahirwe yo kwinjira mu ishoramari rihuriweho.

Ubuyobozi bwa Azerbaijan n'ubw'u Rwanda bwagaragaje ko bwifuza kwifatanya mu guteza imbere inzego zitandukanye mu Ukwakira 2024 ubwo Ambasaderi Lt Gen (Rtd) Charles Kayonga yashyikirizaga Perezida Ilham impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda.

Icyo gihe Ambasaderi Lt Gen (Rtd) Kayonga yagaragaje ko inzego ibihugu byombi byakwifatanya mu guteza imbere zirimo ubucuruzi, ishoramari, siyansi, uburezi n'ibikorwa by'ubutabazi. Ibyo ni byo yaganiriyeho na Perezida Ilham.

Icyo gihe Perezida Ilham yasabye Ambasaderi Lt Gen (Rtd) Kayonga kumugereza indamutso ye kuri Perezida Kagame.

Umubano w'u Rwanda na Azerbaijan watangiye ku mugaragaro mu 2017. Azerbaijan ifite umudipolomate uyihagarariye mu Rwanda, ufite icyicaro i Addis Abeba muri Ethiopia.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Amahirwe akunda kuboneka ku bakozi n'abihangana*

*Mu buzima hari ubwo umuntu ahirwa, bigasa nk'aho ibyiza abona bimugezeho nka tombola. Yaba ari umuyobozi, umuhinzi cyangwa umworozi, umukinnyi cyangwa umuhanzi, ibyo abandi babona nko guhirwa bigira ikibishyigikira.*

*Muri iki cyumweru u Rwanda rwanditse amateka yo kwakira Shampiyona y'Isi y'Amagare nk'igihugu cya mbere muri Afurika, abaturutse imihanda yose baje kwirebera uburyo Kigali isohokana umucyo muri iki gikorwa cyifuzwa kwakirwa n'ibihugu byinshi.*

*Kuri bamwe ni amahirwe u Rwanda rwabonye rutunguwe, ariko ku Banyarwanda ni umusaruro w'imbaraga zashyizwe mu kubaka ubushobozi n'ubushake butuma amahanga arugirira icyizere.*

*Abanyamahanga baje kureba iri siganwa barahamya badashidikanya ko imihanda n'ibindi bikorwa remezp, isuku n'urugwiro basanze, byose bishimangira ubushobozi bw'u Rwanda bwo kwakira aya marushanwa mpuzamahanga.*

*Mbere y'uko atangira habanje kubaho imyiteguro yaje yunganira ukwiyubaka kw'Igihugu mu myaka 31 ishize, ibyo bikaba bishingiye ku cyerekezo cy'Igihugu cyo kurushaho kugira u Rwanda Igicumbi cy'Afurika mu nzego zinyuranye zirimo n'ubuzima.*

*Uretse kuba u Rwanda rwakiriye iri rushanwa ryifuzwa n'ibihugu byose ku Isi, mu myaka iri imbere rushobora kwakira amasiganwa mpuzamahanga y'imodoka nto za Formula One.*

*Mu gihe imbaraga zikomeje gushyirwa mu guharanira kwakira ayo marushanwa asigira Igihugu inyungu zitabarika, hari abazabona yageze mu Rwanda babifate nk'andi mahirwe rubonye ariko ukuri ni uko ari umusaruro w'uruhererekane rw'ibikorwa no kwiyemeza kudatezuka ku cyerekezo cy'Igihugu.*

*Siporo ni rumwe mu nzego u Rwanda rubona nk'irembo ryo kugera ku kuba igihugu giteye imbere bitarenze mu 2050 kuko ifasha cyane kubaka ubukungu bushingiye ku bukeraruhendo, kandi ikanafasha kubyaza umusaruro impano z'urubyiruko.*

*Mu myaka iri imbere ubwo u Rwanda ruzaba rurushaho gusarura amatunda y'ubushake n'icyerekezo gishyigikiwe n'imiyobore myiza, ntihazabura abavuga ko ari andi mahirwe arugwiririye.*

# Ingo zigerwaho n'amashanyarazi zigeze kuri 85%, ibiciro bigiye kuvugururwa

NTAWITONDA Jean Claude

***Nyuma yo gusuzuma intambwe imaze guterwa mu kwihaza ku mashanyarazi, Guverinoma y'u Rwanda yatangaje amavugurura y'ibiciro by'amashanyarazi mu myiteguro yo guharanira kugera ku ntego yo kwihaza ku ngufu z'amashanyarazi.***

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa Mbere tariki ya 15 Nzeri, ni yo yasuzumye intambwe imaze guterwa mu gukwirakwiza umuriro w'amashanyarazi, kongera umubare w'ingo zifite umuriro w'amashanyarazi kandi umuriro ukaba ufite ingufu zihagije kandi ntubure.

Imibare yemejwe n'inzego zibishinzwe igaragaza ko ingo zigerwaho n'amashanyarazi ziyongereye zikagera kuri 85% mu mwaka wa 2025 mu gihe zari munsi ya 2% mu mwaka wa 2000.

nama y'Abaminisitiri yamenyeshejwe ko harimo gukorwa ivugururwa ry'ibiciro by'amashanyarazi bitigeze bihinduka kuva mu mwaka wa 2020, nk'imwe mu ngamba zo kwihaza mu bijyanye n'ingufu mu buryo burambye.

Ni umwanzuro wafashwe kugira ngo intego yo kugeza amashanyarazi kuri buri rugo n'ahantu hose hari ibikorwa remezo by'iterambere izagerweho kandi ibikorwa remezo byayo bikomeze kwitabwaho mu buryo burambye.

Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje ko bitarenze mu mwaka wa 2029 ingo zose zo mu Rwanda zizaba zifite amashanyarazi, nk'imwe mu nkingi zikomeye zishyigikita iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Ibindi byagarutsweho mu Nama y'Abaminisitiri

Inama y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro yayobowe na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame.

Inama y'Abaminisitiri yagejejweho ibyavuye mu bizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri 2024/2025 n'itangira ry'umwaka w'amashuri 2025/2026.

Hagaragaye umusaruro mwiza mu byiciro byose by'amashuri abanza n'ayisumbuye, bitewe ahanini na gahunda nzamurabushobozi n'uruhare rukomeye rw'abanyeshuri n'ibigo by'amashuri.

Umwaka w'amashuri 2025/2026 watangiye neza ku itariki ya 8 Nzeri 2025. Ababyeyi barakangurirwa gukomeza ubufatanye n'ibigo by'amashuri kugira ngo umusaruro uva mu myigire urusheho kwiyongera.

Inama y'Abaminisitiri yagejejweho imyiteguro y'Igihembwe cy'ihinga 2026A, isanga igeze ku ntambwe ishimishije.


Biteganyijwe ko ibiciro by'amashanyarazi bizavugururwa

Abahinzi barakangurirwa kurangiza gutegura ubutaka, gutera imbuto ku gihe no gukoresha neza inyongeramusaruro (imbuto z'indobanure n'ifumbire) kugira ngo barusheho kubona umusaruro ushimishije.

Inama y'Abaminisitiri yamenyeshejwe imyiteguro y'Irushanwa ryo gusiganwa ku magare ku rwego rw'Isi.

Ni ku nshuro ya mbere iri rushanwa rizaba ribereye ku mugabane wa Afurika, rikazabera i Kigali kuva ku wa 21 kugeza ku wa 28 Nzeri 2025.

Imyiteguro yose irimo kugenda neza, abaturage bakaba bakangurirwa kwitabira iki gikorwa cy'imbonekarimwe, baryoherwa n'icyumweru cy'isiganwa ry'amagare.

Inama y'Abaminisitiri yamenyeshejwe gahunda yo kongera ingano n'ubuso buteyeho amashyamba hamwe n'ibindi bikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima mu Gihugu cyose, harimo n'imijyi.

Ibi bikorwa bizagirwamo uruhare n'imiryango hamwe n'abafatanyabikorwa, kandi bizafasha u Rwanda.

uruhare n'imiryango hamwe n'abafatanyabikorwa, kandi bizafasha u Rwanda guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, kurengera ibidukikije, guhindura imibereho n'uburyo bwo kubaho, no kurema amahirwe y'iterambere rirambye.

Inama y'Abaminisitiri yemeje Amasezerano y'Ubufatanye hagati y'Umuryango wo kurengera ibidukikije witwa African Parks Networks na Guverinoma y'u Rwanda.

Inama y'Abaminisitiri yemeje itangwa ry'Ubwenegihugu Nyarwanda.

Inama y'Abaminisitiri yemeje Amateka akurikira:

• Iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza y'imyitwarire rikanagenga Komite z'imyitwarire mu Ngabo z'u Rwanda.

• Iteka rya Minisitiri ryemeza ko abantu bimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange kugira ngo hubakwe urugomero rw'amazi n'umuyoboro wo kuyakwirakwiza uva mu Karere ka Gicumbi werekeza mu Karere ka Nyagatare.

Inama y'Abaminisitiri yemeje abahagarariye ibihugu mu Rwanda bakurikira:

• Bwana Victorino-Nka Obiang Maye, Ambasaderi wa Repubulika ya Equatorial Guinea mu Rwanda, afite icyicaro i Brazzaville.

• Bwana Husain Saif Aziz Al – Harthi, Uhagarariye inyungu (Honorary Consul) z'Ubwami bwa Oman mu Rwanda.

# Amb. Nduhungirehe yagaragaje uko umubano w'u Rwanda n'amahanga uhagaze



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Nduhungirehe Olivier

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Amb. Olivier Nduhungirehe yagiranye ibiganiro n'abagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda, ku ishusho y'imibanire y'u Rwanda n'amahanga muri iki gihe.***

Muri ibyo biganiro, Amb. Nduhungirehe yagaragaje ko muri rusange umubano w'u Rwanda n'amahanga uhagaze neza, ariko hari n'ahakigaragara ibibazo mu mibanire.

Amb Nduhungirehe yavuze ko imibanire y'u Rwanda n'amahanga ihagaze neza biturutse ku izina u Rwanda rumaze kubaka mu mahanga, rubikesha imiyoborere myiza ya Perezida Paul Kagame ndetse n'ibikorwa by'indashyikirwa u Rwanda rumaze kugeraho.

Yavuze ko u Rwanda rwafunguye ambasade 47 z'ibihugu by'amahanga harimo ambasade 10 zafunguwe kuva mu 2019 hano mu Mujyi wa Kigali.

Ku birebana n'umutekano yagarutse ku masezerano ya Washington agamije gukemura ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Congo (RDC) n'icya FDLR aho yavuze ko hari gukorwa inama zitandukanye zigamije gutanga umusaruro uhamye mu gushyira mu bikorwa ayo masezerano.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rugifite impungenge zo kuba kugeza ubu nta bushake RDC ifite mu gukemura icyo kibazo.

Izo mpungenge, u Rwanda ruzishingira ku kuba imvugo zibiba urwango zikomeje kimwe n'ibitero bigabwa kuri M23 zikomeza kwiyongera, kandi Abatutsi baba muri RDC bakaba bakomeje kwibasirwa nabo mu mutrwe wa Wazalendo washyizwho na Leta ya Congo.

Amb.Nduhungirehe yanagarutse ku Burundi bwakajije umurego mu gufatanya na RDC mu ntambara irimo kubera mu burasirazuba bwa RDC.

Yavuze kandi ko umubano w'u Rwanda na Afurika y'Epfo wajemo agatotsi kuko yohereje ingabo muri RDC. Kimwe n'ibihugu byo mu Burayi harimo u Bubiligi na bimwe mu bihugu byo muri Amerika ya Ruguru.

# Amadini n'amatorero bibonwamo ibyago by'iyezandonke n'ibikorwa by'iterabwoba

ZIGAMA Theoneste

***Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rwatangaje ko imiryango itari iya Leta ishingiye ku myemerere (FBOs) ari yo ifite ibyago byinshi byo kwibasirwa n'iyezandonke ndetse n'ibikorwa by'iterabwoba.***

Ibi byagarutsweho ku wa Gatatu tariki ya 17 Nzeri 2025, ubwo RGB yaganiraga n'imiryango ishingiye ku myemerere ikorera mu Rwanda ku bijyanye na politiki nshya yashyizweho igamije kurwanya iyezandonke no gufasha ibikorwa by'iterabwoba.

RGB isobanura ko impamvu nyamukuru ari uko amafaranga menshi akoreshwa n'iyo miryango aturuka cyane cyane ku baterankunga bo mu mahanga, bityo bikaba byaba icyuho cyo kujyanwa mu bikorwa by'iyezandonke cyangwa bigakomoka ku mitwe y'iterabwoba.




RGB yagaragaje ko amadini n'amatorero bashobora

Umuyobozi Mukuru wa RGB Dr Uwicyeza Picard, yagize ati: "Imiryango yose itari iya Leta, irimo n'ishingiye ku myemerere, twaragenzuye dusanga ari ho hari ibyago byinshi by'iyezandonke no gufasha ibikorwa by'iterabwoba. Ni yo mpamvu hashyizweho politiki nshya yo kubikumira, kuko inkunga nyinshi ituruka hanze kandi zishobora kuba inzira byakorerwamo."

Yasabye abayobora iyo miryango kujya babanza gusuzuma neza inkomoko n'isoko y'inkunga zituruka cyane cyane mu mahanga, kugira ngo birinde ko zakwinjiza ibikorwa binyuranyije n'amategeko.

RGB yemeza ko kugeza ubu nta bikorwa by'iyezandonke cyangwa ibishyigikira iterabwoba biragaragara mu madini n'amatorero yo mu Rwanda.

Abayobozi batandukanye b'amadini n'imiryango ishingiye ku myemerere bashimangiye ko ayo mabwiriza mashya ari ingenzi.

Kandema July, Umuyobozi Wungirije w'Itorero Prespyiteriyene mu Rwanda, yagize ati: "Kuburirwa ko ibyo bikorwa bihari kandi bishobora kwibasira amadini n'amatorero bituma dutekereza ku buryo twarushaho kwirinda."

Kabanda Mignonne, Umuyobozi w'Umuryango Women Foundation, yavuze ati: "Hari imiryango ibona amafaranga y'amaturo ndetse n'inkunga zituruka hanze. Tugomba kuba abarinzi ku nkike, tukarinda igihugu cyacu. Dukwiye gusobanukirwa no kumenya abantu bashobora kudushora mu bikorwa by'iyezandonke n'iterabwoba."

Ku ruhande rw'Abayisilamu, Sheikh Mushumba Yunusu, Mufti wungirije w'u Rwanda, yashimye ubukangurambaga bwa RGB, ashimangira ko buzatuma amadini n'amatorero arushaho kwitwararika.

Yagize ati: "Ibi bidusaba gukanguka no guhangana n'uwari we wese ushaka kudushora mu bikorwa bibi byo kwimakaza iyezandonke n'iterabwoba."

Kugeza ubu, mu Rwanda habarurwa imiryango itari iya Leta igera kuri 2 366, muri yo 577 ikaba ishingiye ku myemerere.





# Abashinja u Rwanda gukora Jenoside muri Congo barukina ku mubyimba"



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Amb Nduhungirehe Olivier yavuze ko abashinja u Rwanda gukora Jenoside muri Congo barukina ku mubyimba

NTAWITONDA Jean Claude

***Hari ibyo guhindura inkuru, abakora ibyaha ukabagira abarenganywa. Ni ukonguko Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ijyana n'Abaminisitiri ishyano ryose i Geneve [ku cyicaro cya Loni] ngo bajye kurega u Rwanda ngo rwakoze Jenoside."***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Nduhungirehe, yashyize umucyo ku mukino ugamije guhindanya isura y'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga, ukorwa n'abakabaye bakurikiranwaho ibyaha bakomeza kwigaragaza nk'abahohoterwa nyamara ari bo ba nyirabayazana.

Ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC gifatwa nk'amateka yisubira ya gikoloni yasenye Akarere k'Ibiyaga Bigari kabayemo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yakangaranyije Isi mu kinyejana cya 20 kubera ubukana bwayo n'umuvuduko yakoranywe.

Nyuma y'imyaka 31 u Rwanda rugihanganye n'ingaruka z'iyo Jenoside yashibutse ku miyoborere yimakaje ivangura n'amacakubiri kuva mu gihe cy'ubukoloni, impuguke mu bya Politiki zikomeje guterwa inkeke n'uburyo ayo mateka akomeje kwisubiramo amahanga arebera ndetse anashyigikira abagoreka ukuri bahunga inshingano z'ibyo basabwa gukemura mu gushaka umuti urambye w'umutekano muke.

Ku rundi ruhande, u Rwanda ruzanwa muri ibyo bibazo rushinjwa kuba ari rwo rurimo gukorera Jenoside Abanyekongo, mu gihe ibihamya biri mu gihugu bishimangira ko ahubwo Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi ari bo bamaze imyaka isaga 25 bahohoterwa, bicwa abandi bakaba barameneshejwe mu gihugu cyabo.

Ingengabitekerezo ya Jenoside n'ivangura rikorerwa abo mu bwoko bw'Abatutsi byinjijwe mu Banyekongo n'abahoze mu Ngabo zayoboye ibikorwa bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, nabahoze ari Interahamwe bongeye kwisuganya bageze hakurya y'umupaka mu mugambi wo kugaruka gusoza umugambi bateshejwe, wo gutsemba Abatutsi.

Hagati y'umwaka wa 1994 na 2000, abambukanye intwaro muri RDC bashinze imitwe yitwaje intwaro yaje kuvamo umutwe w'iterabwoba wa FDLR kuri ubu ukorana bya hafi na Leta y'icyo gihugu ndetse n'indi mitwe yitwaje intwaro mu gukomeza gushyira mu bikorwa umugambi wa Jenoside.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe, yavuze ko Guverinoma ya RDC n'abambari bayo bakomeza gushinja u Rwanda Jenoside 'nyinshi' bitwaje ubwicanyi butagenzuwe, ati: "Ahubwo bavuze Jenoside mu bwinshi, ariko bakanitwaza ubwicanyi butigeze bunagenzurwa ahitwa Kishishe na Binza, ni ibintu urebye bikorwa n'abarimo bakora Jenoside ubwabo."

Abashinja u Rwanda gukora Jenoside bavuga ko rufantanya n'Ihuriro AFC/M23 ry'abiyemeje guca ako karengane n'ivanguramoko, ni abashinze Ihuriro ry'abahezanguni biyita abagizweho ingaruka n'ubushotoranyi bw'u Rwanda.

Abo bashinze ihuriro "Collectif des Victimes de l'Agression Rwandaise", baba baganisha kuri bamwe mu bagize umutwe w'iterabwoba wa FDLR n'imiryango bafashe bugwate, hamwe n'indi mitwe ifatanya cyangwa iwushamikiyeho.

Minisitiri Nduhungirehe yagize ati: "Iyo witwa gutyo ubwo buhamya utanga uba uzi neza aho buganisha. Kandi iryo huriro rigizwe n'umutwe witwaje intwaro witwa CNC Nyatura. Uwo mutwe ni uw'abahezanguni ufatanyije na FDLR, umutwe w'iterabwoba uhungabanya umutekano w'u Rwanda."

Umutwe wa Nyatura uvugwaho kuba ari wo wagize uruhare rukomeye mu gutwikira Abanyekongo b'Abatutsi mu gace ka Nturo muri Teritwari ya Masisi mu kwezi k'Ukwakira 2023.

Nduhungirehe akomeza agira ati: "Inzu 300 z'Abanyekongo b'Abatutsi bari batuye i Masisi zatwitswe izuba riva bakanabifata kuri videwo. Nyatura ni yo yari ibirimo ifatanyije na FDLR na Wazalendo. Ahongaho rero ukaba wumva yuko abo bantu barimo bakora ibyo bintu ari na bo bagaruka bakaturega ngo dukora Jenoside, ari ibintu byo gukina abantu ku mubyimba."

Yakomeje ashimangira ko u Rwanda rwiyemeje gushyira mu bikorwa amasezerano y'amahoro rwasinyanye na RDC kuko rwemera ko nta bundi buryo bwarangiza burundu ibibazo by'umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ayo masezerano yashyizweho umukono ku wa 27 Kamena 2025 i Washington DC, atanga imirongo migari y'ugendo rwo gushaka umuti urambye binyuze mu nzira ya Dipolomasi ndetse akanaharura inzira y'ubufatanye bw'ibihugu byombi n'amahanga mu kubyaza umusaruro amahirwe bifite mu mutungo kamere n'ibindi.

Ibihugu byombi byemeye ko buri gihugu kigomba kubaha ubusugire bw'ikindi no gukumira amakimbirane, guhagarika imirwano, kwambura intwaro no gushyira mu buzima busanzwe imitwe itari ya Leta yitwaje intwaro.

Hari kandi gushyiraho itsinda rihuriweho rigenzura ibijyanye n'umutekano, ubufatanye mu gucyura impunzi, gushyigikira ubutumwa bw'Ingabo za Loni ziri muri RDC (MONUSCO) no gushyiraho uburyo bw'imikoranire mu by'ubukungu mu karere.

By'umwihariko hari inyandiko yashyizweho igaragaza ibikorwa bihuriweho mu gusenya umutwe wa FDLR ufatwa nk'izingiro ry'ibibazo by'umutekano muke n'ikwirakwira ry'ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

# Kompanyi y'u Bwongereza igiye gucururiza amabuye y'agaciro mu Rwanda



Kompanyi yitwa Aterian igiye kujya icururiza amabuye yagaciro mu Rwanda

ZIGAMA Theoneste

***Kompanyi y'ubucukuzi Aterian Plc, isanzwe iri ku Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'i London (LSE) mu Bwongereza, yatangaje ko yaguriye ibikorwa byayo byo gucuruza amabuye y'agaciro mu Rwanda.***

Iyi kompanyi izajya ikusanya amabuye akomoka ku bacukuzi bato (artisanal miners) n'amakoperative, ikayafasha kujya ku isoko mpuzamahanga.

Aterian imaze igihe ikorera mu Rwanda, cyane cyane mu bushakashatsi ku mabuye ya lithium.

Mu kwezi kwa Nyakanga uyu mwaka, yatangaje ko yabonye ubutare bwa lithium bufite ubuziranenge bwo hejuru, nubwo ubucukuzi nyir'izina butaratangira.

Itangazo ryo kwagura ubucuruzi ryashyizwe ahagaragara ku ya 15 Nzeri.

Charles G. Bray, Umuyobozi Mukuru w'Inama y'Ubutegetsi ya Aterian, yavuze ko abashobora gukorana n'iyi kompanyi ari abujuje ibisabwa n'amahame ya OECD (Organisation for Economic Co-operation and Development) na gahunda ya ITSCI (International Tin Supply Chain Initiative) yo gukurikirana inkomoko y'amabuye.

Mu rwego rwo gushyigikira gahunda nshya, Aterian yabonye inguzanyo y'amadolari y'Amerika 250,000 izakoreshwa nk'igishoro cya mbere.

Bray yavuze ko ayo mafaranga azafasha kugura amabuye, gushyiraho inzira zo kuyatwara no kubika ububiko bwo kohereza hanze.

Yagize ati: "Byatwaye igihe kuko tutigeze tugabanya urwego rw'ubuziranenge mu gukurikirana inkomoko y'amabuye. Ariko ubu biduhaye ubushobozi bwo kohereza kontineri ya mbere. Nk'uko ubucuruzi buzagenda bwiyongera, tuzabasha kwihaza dukesha amafaranga twinjiza."

Yakomeje avuga ko kompanyi ishobora kongera gushaka igishoro mu gihe ibyifuzo by'abatanga amabuye byaruta ubushobozi bw'ishoramari ryayo ry'ibanze.

Bray yasobanuye ko ubucukuzi n'ubucuruzi byombi bifite agaciro.

Ati: "Ubucukuzi bugamije agaciro k'igihe kirekire binyuze mu gushakisha no guteza imbere umutungo kamere, mu gihe ubucuruzi bugamije guhuriza hamwe ibituruka imbere mu gihugu no kubigurisha mu gihe gito, bigatanga inzira yihuse yo kugeza amabuye y'u Rwanda ku isoko mpuzamahanga.

Byombi birakenewe kugira ngo igihugu kihabonere inyungu z'imbere mu gihugu."

Amabwiriza ya OECD agamije kurwanya ikoreshwa ry'amabuye mu gutera inkunga intambara no kurengera uburenganzira bwa muntu mu bucukuzi.

Gahunda ya ITSCI na yo itanga uburyo bwo gukurikirana inkomoko y'amabuye no kugenzura ko akomoka mu buryo bukurikije amategeko kandi atari ay'intambara.

Bray yavuze ati: "Buri muntu utanga amabuye anyura mu igenzura rikomeye, harimo gusurwa ku mirima no kugenzura niba koko adakomoka ku ntambara. Intego yacu ni ugushinga urusobe rw'abatanga amabuye rufite ubuziranenge kandi rwizewe, rukomeza gusigasira umwanya w'u Rwanda nk'Igihugu cyizewe mu kohereza amabuye akomoka mu buryo buboneye."

Yakomeje asobanura ko uru rubuga rugamije no gushyigikira abacukuzi bato bo mu gihugu no kongera umusaruro wabo.

Ati: "Turashaka gusangira ubumenyi n'igishoro cyacu n'abacukuzi b'Abanyarwanda, tukabafasha kugera ku masoko mpuzamahanga mu buryo bukurikije amategeko. Mu gihe kirekire, ibi bizongera ubushobozi bwo koyohereza hanze y'u Rwanda no kuzana inyungu ku rwego rw'igihugu."

Aterian, ifite agaciro ku isoko k'asaga miliyari 9.4 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 4.8 z'amapawundi), ikora cyane ku mabuye akenewe ku rwego mpuzamahanga arimo tantalum, niobium, lithium n'andi mabuye y'ibanze.

NYIRANEZA Judith

# 83 basoje amasomo muri RICA basabwe kuba umusemburo w'impinduka

***Mu muhango wo gutanga impamyabumenyi ku nshuro ya 3 Ishuri Rikuru ryigisha Ubuhinzi Bubungabunga Ibidukikije (RICA), Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yasabye abarangije kuba umusemburo w'impinduka n'iterambere ry'imibereho myiza.***

Mu muhango wo gutanga impamyabumenyi ku nshuro ya 3 Ishuri Rikuru ryigisha Ubuhinzi Bubungabunga Ibidukikije (RICA), Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yasabye abarangije kuba umusemburo w'impinduka n'iterambere ry'imibereho myiza.

Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatanu, tariki ya 19 Nzeri 2025, abo banyeshuri basabwe kugira uruhare mu guteza imbere ubuhinzi binyuze mu kubungabunga ibidukikije bifashisha ikoranabuhanga.

Yagize ati: "Banyeshuri muhawe impamyabumenyi, Muzaharanire kuba umusemburo w'impinduka nziza n'iterambere ry'imibereho myiza y'Abanyarwanda. Muzaharanire kurangwa n'indangacaciro zibereye Umunyarwanda no kuba intanga rugeromu byo muzakora byose."

Minisitiri w'Intebe yabibukije kandi kuzirikana ko bitezweho guharanira inyungu z'abandi ntibarebe ku zabo bwite gusa, ahubwo bagatanga serivisi inoze kandi ishingiye kuri gahunda za Leta.

Ati: "Gutanga serivisi inoze, kurangwa n'ubunyangamugayo n'iterambere rusange bigomba kuza mbere y'inyungu bwite. Muzirikane ko igihugu kibatezeho umusanzu ukomeye mu kudufasha kugera ku ntego twiyemeje muri Gahunda Igihugu kiyemeje yo kwihutisha muri NST 2."

Dr Nsengiyumva yanagarutse ku bumeyi bahakuye, abibutsa ko bugamije kuzamura umusaruro hanabungabungwa ibidukikije.

Ati: "Ubumenyi mukuye hano bugomba gufasha igihugu kongera umusaruro w'ubuhinzi binyuze mu guhinga ku buryo bugezwho kandi bubungabunga ibidukikije."

Umuyobozi Mukuru wa RICA, Dr. Olusegun Yerokun yavuze koabo banyeshuri bahawe ubumenyi buzafasha gushyira mu ngiro ibyo bize.

Ati: "Ishuri rya RICA ririshimira ko imyaka aba banyeshuri bamaze ryabateguye neza ngo babe abahanga, ishuri ryabateguye neza ngo babone ubushobozi bwo gufasha no guhindura ubuhinzi bubungabunga ubutaka mu Rwanda ndetse no hanze yarwo.

Abanyeshuri bigishijwe mu buryo bwihariye, babona ubumenyi ngiro n'ubushobozi bwo guhuza, ubuhinzi, ibidukikije n'imibereho

KOMEZA KU RUP.11





IBIKURIKIRA URUP.10

# 83 basoje amasomo muri RICA basabwe kuba umusemburo w'impinduka

myiza y'abaturage."

Umunyeshuri wavuze ahagarariye bagenzi be, Arahirwa Ineza Kevin yabwiye bagenzi be ko bagomba gufatanya no kugira ubwitange mu guhindura ubuhinzi bubungabunga ubutaka mu Rwanda.

Ati: "Turasabwa kubaka sisitemu z'ubuhinzi ziramba no gukorera imiryango twifashishije ubumenyi, udushya n'ubunyangamugayo kandi ko ari bwo ko ubu batangiye urugendo rwo guhindura ubuhinzi.

Ubuhinzi si umusaruro gusa ugamije kubona ibiryo, ahubwo harimo no kubungabunga ubutaka, gukoresha tekinike, guhanga udushya mu gukemura ibibazo bihari, ari muri Afurika n'ahandi."



Abanyeshuri basoje amasomo biyemeje kuzaba umusemburo w'impinduka ku mibereho myiza y'abaturage

Abanyeshuri 10 basoje mu bijyanye n'ubworozi, 42 gufata neza umusaruro nyuma yo gusarurwa na 14 kongerera agaciro ibikomoka mu buhinzi, abasoje mu bijyanye no kuhira ni 17.

Muri abo banyeshuri basoje amasomo kandi harimo n'abahembwe by'umwihariko bari mu byiciro 5, Icya mbere ni abanyeshuri 4 berekanye ubudasa mu myigire yabo bahawe ishimwe ridasanzwe nk'ababagize amanota ya mbere bahize abandi, icya 2 ni abanyeshuri 2 bahawe ibihermbo kubera imishinga yabo y'indashyikirwa yagaragaje ubudasa n'udushya mu kuzamura no guteza imbere ubuhinzi.

Icyiciro cya 3 ni umunyeshuri wahawe igihembo cy'ubuyobozi budasanzwe gihabwa uwagaragaje ubwitange, ubumwe n'ubuvumvuzi ibikorwa bye byerekanye kuba intangarugero muri bagenzi bw mu gukora neza no gufatanyan'abandi.

Icyiciro cya 4 ni uwagaragaje ubwitange budasanzwe mu bikorwa by'ubutabazi n'inshingano rusange, agira uruhare anitabira ibikorwa by'iterambere by'umuryango RICA naho icyiciro cya 5 ni umunyeshuri wagaragaje ubuyobozi budasanzwe, ubwitange,n'ubwitabire mu bayobozi.

# U Rwanda rushora imari mu kongera isuku y'ikirere - Minisitiri w'Ibidukikije




Minisitiri wIbidukikije Dr. Bernadette Arakwiye

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Bernadette Arakwiye, yavuze ko kugira ngo habeho guhangana n'ibihumanya ikirere byaturutse ku ishoramari u Rwanda rwashoye mu kurengera ibidukikije no kongera isuku y'ikirere.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki 16 Nzeri 2025, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umwuka Mwiza n'Ikirere Gikeye.

Ni umunsi wizihirijwe mu Karere ka Kicukiro mu Murenge wa Kanombe mu Mujyi wa Kigali, witabirwa n'abafatanyabikorwa ba Leta mu kurengera ibidukikije.

Minisitiri Dr. Arakwiye yagaragaje ko u Rwanda rwateje imbere uburyo bugezweho bw'ikoranabuhanga rifasha mu gupima imyotsi y'ibinyabiziga ihumanya ikirere hagamijwe kurengera ibidukikije.

Ati: "U Rwanda rushora imari mu kongera isuku y'ikirere. Twatangije gahunda nshya igezweho yo gupima imyuka ihumanya iva mu binyabiziga, ikoresha ikoranabuhanga rihanitse rifasha kumenya ibinyabiziga bihumanya cyane, ndetse igafasha abatwara ibinyabiziga kugira uburyo bw'isuku burushijeho."

Kugira ngo habeho kongera isuku y'ikirere, Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Arakwiye, avuga ko binaturuka ku masezerano y'i Vienne n'aya Montréal u Rwanda rwashyizeho umukono.

Ni amasezerano yavuze ko yahuje Isi mu bikorwa bishingiye ku bumenyi kandi bitanga ibisubizo bifatika mu kurengera ikirere.

Minisiteri y'Ibidukikije ishimira ikigo gitanga amahugurwa 'ACES Cooling' gifasha mu gusangira ubumenyi no gutanga amahugurwa hirya no hino muri Afurika.

Dr Arakwiye agira ati: "ACES Cooling ni ikimenyetso gikomeye kerekana uruhare rw'u Rwanda mu guteza imbere ibisubizo byo kurinda akayunguruzo k'izuba 'Ozone', gukoresha neza ingufu, kugira umutekano w'ibiribwa no kongera ubushobozi bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe."

Jean Rémy Kubwimana, urimo gukora ubushakashatsi ku iyangirika ry'akayunguruzo k'izuba, avuga ko akayunguruzo k'izuba karimo kongera gusubirana bitewe n'ingamba zafashwe n'ibihugu mu rwego rwo kukabungabunga.

Mu kiganiro yahaye Imvaho Nshya yagize ati: "Hari ingamba ibihugu byafashe kugira ngo bibungabunge akayunguruzo k'izuba, harimo nko gutera ibiti bikurura umwuka, gukoresha imodoka zidahumanya ikirere no gushyiraho sitasiyo zipima umwuka muri buri gihugu."

Ahamya ko izo ngamba zihurije hamwe zituma akayunguruzo k'Isi cyangwa karinda ubushyuhe katangirika cyane.

Juliet Kabera, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cyo kurengera Ibidukikije (REMA), yashimangiye uburyo u Rwanda ruyoboye mu guteza imbere politiki z'isuku y'ikirere no guca burundu ibyongera imyuka yangiza akayunguruzo k'ikirere.

Yagize ati: "U Rwanda rwiyemeje kubakira kuri uwo murage binyuze mu gukomeza imikorere y'inzego z'igihugu, gushora imari mu ikoranabuhanga rirengera ibidukikije, no gukorana bya hafi n'abafatanyabikorwa binyuze mu mishinga nka 'ACES Cooling.'

Muri Gahunda ya Guverinoma y'Icyiciro cya kabiri cya gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere 2024-2029 (NST2), hateganyijwemo ko u Rwanda ruzagabanya imyuka ihumanya ikirere ku kigero nibura cya 38%.

Muri Gicurasi 2020 ni bwo Minisiteri y'Ibidukikije yari yatangaje ko iyo 38% ingana na toni miliyoni 4.6 z'imyuka ya 'dioxyde de carbone' izaba yagabanyijwe mu 2030.

Ibyo bijyanye na gahunda y'Igihugu ishingiye ku masezerano mpuzamahanga y'i Paris (Paris Agreement), yo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe no guteza imbere ubukungu butangiza ibidukikije.

Ayo masezerano yemejwe mu kwezi k'Ukuboza 2015, u Rwanda ruyasinya muri Nzeri 2016, afite intego nyamukuru yo kugabanya imyuka ihumanya ikirere ku buryo ubushyuhe bw'Isi butarenga degrés Celsius 2, bikaba akarusho bubaye munsi ya degrés Celsius 1,5.

# Ibiciro by’amashanyarazi mu Rwanda byongerewe

SHEMA Ivan

***Urwego rw’Igihugu Rushinzwe Kugenzura Imikorere y’Inzego zimwe z’imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rwatangaje ibiciro bivuguruye by’amashanyarazi bigaragaza buri cyiciro cy’abantu ikiguzi kizajya gitanga ku mashanyarazi, hakaba hari n’ibyiciro byongerewe igiciro.***


RURA yatangaje ibiciro bivuguruye by’amashanyarazi

Ni nyuma yo gusuzumwa n’Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa Mbere tariki ya 15 Nzeri 2025, iyobowe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ibiciro bikaba bizatangira kubahirizwa guhera ku wa 1 Ukwakira 2025.

Ibiciro by’amashanyarazi bitari byarigeze bihinduka kuva mu mwaka wa 2020, byavuguruwe nk’imwe mu ngamba zo kwihaza mu bijyanye n’ingufu mu buryo burambye no guharanira kugera ku ntego yo gukwiza amashanyarazi ku baturage bose.

Ibi biciro byashyizwe hanze kuri uyu wa Gatatu, tariki ya 17 Nzeri 2025, bigaragaza ko hari impinduka nyinshi zabaye ugereranyije na 2020.

Igiciro cyo hasi cyane ni icy’abakoresha umuriro uri munsi ya Kilowati 20 ku kwezi, barakomeza kwishyura 89 Frw kuri kilowati yari asanzwe yishyurwa ku bakoresha uri munsi ya 15, naho ku bakoresha hagati ya 20-50 igiciro cyazamutseho kiva ku 212 Frw kigera kuri 310 Frw.

Inzu zitari izo guturamo zirimo uzubucuruzi no gukorerama ibindi bikorwa zikoresha kilowati zitarenze 100, igiciro cyavuye kuri 227 Frw kigera kuri 355 Frw, naho abakoresha kilowati zirenze ijana, igiciro cyavuye kuri 255 Frw kigera kuri 376 Frw.

Ibiciro za Servisi y’isakazamakuru (Radiyo na Televiziyo) bigiyeho ku nshuro ya mbere kikazajya byishyura 276 Frw kuri kilowati. Amashuri n’ibigo bitanga serivisi z’ubuzima bashyizwe ku mafaranga 214 kuri kilowati.

Ibiciro ku Iminara n’Itumanaho byashyizwe kuri 289 Frw kuri kilowati. Amahoteli akoresha umuriro w’amashyarazi utagera kuri Kilowati 660,000 ku mwaka bazishyura 239 Frw kuri kilowati imwe.

Ibiciro ku ruganda ruto byavuye ku 134 Frw kuri kWh bigera kuri 175 Frw; uruganda ruciriritse rwavuye kuri 103 Frw kuri kWh rugera ku 133 Frw; uruganda runini rwavuye kuri 94 Frw kuri kWh rugera kuri 110 Frw.

Inganda nini zikora ibyuma n’izikora sima hamwe n’ibigo ubucuruzi bw’amabuye y’agaciro n’iziyatuganya zikoresha umuriro kuva kuri kilowati 1,000, 000 kuzamura ku mwaka bazishyura 97 Frw.

Imibare yemejwe n’inzego zibishinzwe igaragaza ko ingo zigerwaho n’amashanyarazi ziyongereye zikagera kuri 85% mu mwaka wa 2025 mu gihe zari munsi ya 2% mu mwaka wa 2000.

Guverinoma y’u Rwanda yiyemeje ko bitarenze mu mwaka wa 2029 ingo zose zo mu Rwanda zizaba zifite amashanyarazi, nk’imwe mu nkingi zikomeye zishyigikita iterambere ry’ubukungu n’imibereho myiza y’abaturage.

# Ambasaderi w’u Bufaransa yakeje Perezida Kagame wahagaritse Jenoside


Amb. w’u Bufaransa mu Rwanda, Aurélie Royet-Gounin, yavuze imyato Perezida Paul Kagame wahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

KAYITARE Jean Paul

***Ambasaderi mushya w’u Bufaransa mu Rwanda, Aurélie Royet-Gounin, yavuze imyato Perezida wa Repubulika Paul Kagame wayoboye urugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi yahitanye abarenga miliyoni mu 1994.***

Amb. Aurélie yabikomojeho mu butumwa yanditse mu gitabo ku wa Kabiri tariki 16 Nzeri 2025, ubwo yari yasuye Ingoro y’Amateka y’Urugamba rwo Guhagarika Jenoside ku Nteko Ishinga Amategeko.

Ni nyuma y’aho ku itariki 09 Nzeri yari yasuye ibice binyuranye by’Urwibutso ari kumwe n’itsinda ryaje rimuherekeje, asobanurirwa amateka ya Jenoside n’ingaruka yasigiye Abanyarwanda ndetse anunamira inzirakarengane zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Amb. Aurélie asura Ingoro y’Amateka y’Urugamba rwo Guhagarika Jenoside, yagize ati: “Iri sura ryamfashije kumva neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi n’igikorwa cy’indashyikirwa cyazanywe na Gen Kagame n’ingabo yari ayoboye kuyihagarika.”

Yagize amahirwe yo gusobanukirwa urugendo rutangaje rwo kwiyubaka k’u Rwanda mu myaka 31 ishize, hashingiwe ku kwimakaza ubumwe, ubwiyunge n’ubudaheranwa.

Ambasaderi w’Ubufaransa mu Rwanda, Aurélie Royet-Gounin, yashimye uburyo bukoreshwa mu gusobanurira abasura Ingoro y’Amateka y’Urugamba rwo Guhagarika Jenoside.

Nyuma y’uko umubano w’ibi bihugu byombi wamaze igihe utameze neza kubera uruhare abari abayobozi b’Ubufaransa bagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, ubu umubano w’u Bufaransa n’u Rwanda uri ku rwego rushimishije haba mu burezi, mu ikoranabuhanga, n’ahandi.





# Gisagara: Bagowe no kugurisha ikilo cy’intoryi ku mafaranga 60 Frw


Umusaruro w’imboga babona bawugurisha ku giciro kitajyanye n’ibyo baba barashoye mu buhinzi bwabo

UWIZEYIMANA Aimable

***Abahinzi bahinga imboga mu gishanga cya Nyabuyongera, Umurenge wa Save, Akarere ka Gisagara, barataka ibihombo baterwa no kuba umusaruro wabo utabona isoko rihagije aho ababagurira babahenda kugeza n’aho ikilo cy’intoryi bakigurisha ku mafaranga y’u Rwanda 60.***

Aba bahinzi bavuga ko kuba igiciro cy’ikilo cy’intoryi kitagera no ku mafaranga ijana ari ibintu bibasubiza inyuma mu iterambere, bakaba basaba ubuyobozi kubafasha kubona isoko ritabatura mu gihombo.

Ngayaberura Vincent, umwe muri aba bahinzi, avuga ko bifuza ko iyo bagereranyije n’ibiciro bahabwa ku musaruro w’imboga n’ibyo baba bashoyemo babona bagwa mu gihombo gikomeye.

Ati: “Ni byo rwose ubuyobozi nibudufashe, kuko nk’ubu abaza kutugurira urugero intoryi rimwe na rimwe baduha amafaranga ibihumbi 5000 Frw ku gafuka k’ibiro 50 ubundi bakaza nanone bati turabaha ibihum bi 3000 kuri ako gafuka k’ibiro 50, wabara ugasanga ikilo kimwe cy’intoryi barakitugurira ku mafaranga 100 Frw cyangwa munsi y’aho nyamara tuba twashoyemo abahinzi n’ifumbire tuba twaguze ku giciro cyo hejuru.”

Undi bafatanya ubuhinzi mu Gishanga cya Nyabuyogera, yavuze ko ubuyobozi bubafashije bukababa hafi mu rugendo rwo kubona isoko rizima byabahindurira ubuzima, bakareka kugurisha ibilo 50 by’intoryi ku mafaranga y’u Rwanda 3000 gusa, ni ukuvuga amafaranga 60 ku kilo.

Ati: “Rero abaza kutugurira umusaruro usanga baduha ayo bashaka, ku buryo usanga hari igihe baguha 3000 Frw ku gafuka k’ibilo 50, wabara ugasanga ikiro kimwe cy’intoryi ntago nibura kiguze amafaranga 100 Frw, kandi wabara ifumbire waguze ushyiramo wabara imbuto wabara abahinzi ugasanga nta nyungu, ku buryo ubuyobozi bwadufasha kubona iso rutatugusha mu gihombo.”

Umuyobozi wungirije w’Akarere ka Gisagara ushinzwe ubukungu, avuga ko aba bahinzi bakwiye kwegera ubuyobozi bukabafasha kuko hari amasoko menshi arimo n’ibigo by’amashuri.

Ati: “Hari igihe bariya bahinzi bagirana amasezerano n’abaza kubagurira bigatuma bagwa mu gihombo, rero nibaze begere ubuyobozi kuko amasoko arahari noneho tubahuze, na cyane ko nk’ubu dufite n’ibigo by’amashuri bikenera imboga kandi byabagurira umusaruro ntibahure n’ikibazo.”

Aba bahinzi bakorera ubuhinzi bw’imboga mu gishanga cya Nyabuyigera bagera kuri 800, bakaba bibumbiye muri Koperative Abakoranamurava.

Ubuhinzi bw’imboga babukorera kuri hegitari 109, bakaba babubonamo umusaruro mwinshi ariko ikibazo kikaba amasoko abasubiza inyuma aho kubateza imbere.


Imyaka itatu irashize, abaturage batuye ahanyujijwe umuyoboro w’amashanyarazi nta ngurane barahabwa

# Nyabihu: Imyaka 3 irashize bagitegereje ingurane z’ibyabo byangijwe

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Mudugudu wa Kinyababa, Akagari ka Rubaya, Umurenge wa Mukamira, Akarere ka Nyabihu, bavuga ko bamaze imyaka 3 basiragira ku ngurane z’ibyabo byangijwe n’umuyoboro w’amashanyarazi, bakaba bifuza ko inzego bireba zabafasha kubona ingurane.***

Abo baturage bavuga ko batewe igihombo n’ikorwa ry’umuyoboro w’amashanyarazi kuko wangije imitungo yabo inyuranye harimo imyaka, amashyamba n’ibiti by’imbuto ziribwa, bikaba byarabaye mu 2023 bakabarirwa imitungo yabo ariko bababazwa n’uko bahora basiragizwa imyaka ibaye 3.

Ndayambaje Augustin yagize ati: “Mu mpera z’umwaka wa 2022 ni bwo REG, yanyujije mu mirima yanjye banyangiriza imyaka, barambariye ntegereza ingurane ndaheba, ibi binteza igihombo kuko ingendo nkora buri munsi zonyine zinsaba amafaranga njya kwishyuza, yewe hari n’abo natse inguzanyo mbabwira ko nzabishyura na bo bamfata nk’umwambuzi, kuko nyine REG yanze kunyishyura.”

Ndarigendana Jean Baptiste yagize ati: “Njyewe banyangirije ishyamba n’imyaka ndetse n’ibiti by’avoka, bambariye amafaranga agera ku 578 000Frw, ariko ayo yose nta na rimwe ndishyurwa, kugeza ubu ni uko twumva ngo hari abishyuwe, twifuza ko batwishyura ni ubwo aya mafaranga yatinze ariko yatugirira umumaro, tukikura mu bukene, cyangwa tugakuramo indi sambu.”

Umukozi wa REG, ishami rya Nyabihu Mutsindashyaka Martin, avuga koko ko hari abaturage batarahabwa ingurane z’ibyabo byangijwe n’umuyoboro mugari w’amashanyarazi, ariko ko mu minsi mike iki kibazo kiba cyabonewe igisubizo.

Yagize ati: “Hari bamwe mu bamaze kwishyurwa gusa abagifite ibibazo baza kuri REG, tukareba uko ikibazo giteye yenda niba hari ibindi bikenewe kugira ngo bariya baturage bavuga ko batarahabwa ingurane bishyurwe.”

Abaturage bo mu Murenge wa Mukamira, bagera ku 100 ni bo bavuga ko batarahabwa ingurane hakaba hashize imyaka 3.

# Musanze: Ababyeyi basubiye ku ntebe y'ishuri byabahinduriye ubuzima



Abiga kaminuza bakuze bavuga ko byabahinduriye ubuzima, bakiteza imbere

NGABOYABAHIZI Protais

***Mu Karere ka Musanze, bamwe mu babyeyi biyemeje gusubira mu ishuri, bavuga ko n'ubwo babanje kunengwa n'abaturanyi, barangije amasomo yabo neza kandi bibahindurira ubuzima. Bamwe bazamuwe mu ntera mu kazi, abandi bongererwa imishahara, bituma barushaho guteza imbere imiryango yabo.***

Manishimwe Fulgence w'imyaka 45, umubyeyi w'abana batatu, yarangije amasomo mu bijyanye n'amashanyarazi muri imwe muri Kaminuza iherereye mu Karere ka Musanze. N'ubwo yagorwaga no guhuza amasomo n'inshingano z'urugo, ntiyacitse intege, kuko ngo yumvaga ko kugira ngo azabashe kubona umushahara wisumbuye byamusabaga no kongera ubumenyi.

Yagize ati: "Nasanze ari ngombwa kongera ubumenyi kugira ngo mpindure ubuzima bw'umuryango wanjye, byari bigoranye ariko nkibuka ko umuryango wanjye uzagira ejo heza nimbona impamyabumenyi. None ubu nishimira ko nageze ku nzozi zanjye, kandi n'ubwo byatinze, nazigezeho."

Nyuma yo kurangiza amasomo, Manishimwe yazamuwe mu ntera aho akorera, ibintu byamufashije kuzamura imibereho y'umuryango we no kubona ubushobozi bwo kwishyurira abana amashuri meza, ndetse ava mu bukode kuko banki ihereye ku mushahara we yamuhaye inguzanyo yubaka ikibanza yari amaranye imyaka 4 yarabuze uburyo acyubaka.

Nyiranizeyimana Assia w'imyaka 39, na we yagaragaje urugendo rutoroshye rw'amasomo. Yatangiye kaminuza mu 2018, ariko kubera inshingano zo mu rugo, byamusabye gusubika amasomo rimwe na rimwe. Yakomeje kwihangana kugeza arangije mu 2024 icyiciro cya mbere cya kaminuza mu by'amahoteli n'ubukerarugendo.

Yagize ati: "Byari urugendo rukomeye nagiye mpura n'inzitizi harimo amikoro n'ibindi, ariko inkunga y'umuryango wanjye yampaye imbaraga. Natekereje kongera ubumenyi kugira ngo nzabashe kuzamuka mu ntera ndetse n'umushahara uzamuke niteze imbere kandi byarashobotse".

Nyuma yo kubona impamyabumenyi, avuga ko icyizere ari cyose kuko umushahara we wiyongereye, bituma umuryango we ushobora kubaho mu buzima bwiza kurushaho, ndetse abana be bakiga mu mashuri arushijeho gutanga ireme ryiza, aho abasha kubona amafaranga yorohereza abana be kujya ku ishuri.

Bamwe mu bayobozi b'amashuri makuru na za Kaminuza na bo bavuga ko kwiga bitagira iherezo nk'uko Umuyobozi wa MIPC, Prof. Dr. Rwamakuba Zephanie abivuga kandi akanasaba abiga bose kwiga kuko bitagira umupaka cyane ko umuntu aba yongera ubumenyi.

Yagize ati: "Abiga bakuze batwigisha ko ubumenyi budafite imyaka ntarengwa. Ni isomo rikomeye ku rubyiruko ko rudakwiye gufata amahirwe yo kwiga nk'ibisanzwe. Igihugu gikeneye abaturage bafite ubumenyi n'indangagaciro, kuko ibyo ari byo byubaka ejo hazaza, kandi uko wongera ubumenyi n'ubukungu buriyongera."

Byagaragaye ko abiga amasomo y'ubumenyi ngiro kuri ubu bagenda barushaho kwihangira imirimo no kuyiha abandi.

KWIZERA Jean de Dieu

# Karongi: Urutsinga rutwaye amashanyarazi rumaze umwaka rurambitse mu murima we

***Uwumuremyi Cansilda utuye mu Mudugudu wa Rukaragata, Akagari ka Nyarugenge, Umurenge wa Rubengera, mu Karere ka Karongi atewe inkeke n'urutsinga runini cyane rumaze umwaka wose rurambitse mu murima we, akaba ahamya ko rushobora kumutera impanuka.***

Uwo muturage avuga ko ahinga yigengesereye ariko akanagira impungenge z'uko ashobora kuzakubitaho isuka cyangwa kurukandagira rurimo amashanyarazi rukamuhitana.

Uretse we aba anatewe impungenge z'undi muntu wese wanyura mu isambu ye atazi aho ruherereye rukaba rushobora kumwambura ubuzima cyane ko ari urutwara amashanyarazi menshi (high voltage)

Aganira na Imvaho Nshya, yagize ati: "Ikibazo mfite ni iri poto rifite urutsinga ruryamye hasi kandi rukaba ruhamaze umwaka urenga. Ubusanzwe n'ipoto yari ishinzemo, noneho iza kugira ikibazo irahengama, igeze aho iragwa, abafatiyeho babwirwa gushaka ipoto, bagura igiti baraza bagishingamo hano ubundi urutsinga rwo ruguma hasi."

Yakomeje agaragaza ko umunsi urwo rutsinga rwateje impanuka bizagira ingaruka no ku baturanyi be bagaburirwa amashanyarazi n'uwo muyoboro.

Arasaba ko urwo rutsinga rwazamurwa, agira ati: "Ubwo rero icyo njye nasabaga ni uko urwo rutsinga rwazamurwa rukajya ku ipoto, rukava hasi mu murima wanjye. Umwana ashobora kurutema cyangwa nanjye nkarutema cyangwa hakaba haza n'undi muntu w'umunyarugomo akaba yarukubita n'umuhoro twese bikatugiraho ikibazo."

Avuga ko n'ubwo ahinga muri uwo murima aba afite ubwoba kubera ko ari ho honyine afite ahinga agasaba gufashwa.

Umwe mu bafatiye umuriro kuri urwo rutsinga ruryamye mu murima wa Uwumuremyi Cansilda, yabwiye Imvaho Nshya ko icyo bari basabwe kwari ugushaka ipoto ariko ko bamaze kuyibona abakozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) ntacyo babamariye.

Yagize ati: "Ipoto yaraguye hanyuma dusabwa kugura ipoto yindi turayishinga, hahamagarwa Ubuyobozi bwa REG ko bwakohereza abaza kudufasha kuzamura urutsinga kugeza ubu ntabwo birakorwa kandi nta muturage ufite ubushobozi bwo kuzamura urutsinga hejuru ku ipoto."

Yakomeje na we agaragaza ko ari ikibazo gikomeye kuko begereje n'igihe cy'ihinga bikaba bizagorana ko uwo mubyeyi akomeza guhinga bataramukiza iyo mbogamizi ishobora guteza impanuka ikomeye.

Umuyobozi w'Ishami rya REG mu Karere ka Karongi Kiiza Francis, yabwiye Imvaho Nshya ko ari bwo bamenya icyo kibazo cy'iyo poto, ariko ko bagiye kubafasha mu maguru mashya.

Yagize ati: "Ntabwo twari tuzi icyo kibazo cy'urutsinga ruri hasi mu murima w'umuturage, ariko turabikurikirana bafashwe mu maguru mashya."



Kuba urutsinga rwambukiranya mu mirima irimo imyaka mibisi, bafite impungenge ko rushobora gufata n'umuntu uyisarura





# Burera: Abanyonzi bigize ba ntibindeba ku kwirinda gutwara banyoye



Abanyonzi iyo bamaze gusinda bagenda badandabirana mu nzira

NGABOYABAHIZI Protais

***Nubwo Polisi y'u Rwanda ikomeje gukangurira abanyonzi bo mu Karere ka Burera kwirinda gutwara basinze, hari bamwe mu banyonzi bakigaragaza imyumvire ikiri hasi kuri iki kibazo, batanga impamvu zigaragaza ko batabifata nk'ikibazo gikomeye.***

Bamwe muri aba banyonzi bavuga ko Polisi ibahohotera iyo ije kubakoraho igenzura nk'abatwara ibinyabiziga (ibyo bita guhuhishamo) ngo barebe ko baba banyoye, bakavuga ko ari ihohoterwa bakorerwa ngo kuko gutwara wanyoye ikigage nta kibazo.

Uwahawe izina rya Habimana Jean Marie, nk'umwe mu banyonzi bakorera muri santere y'ubucuruzi ya Kidaho, avuga ko kunywa inzoga mbere yo gufata igare atabibona nk'ikibazo gikomeye.

Yagize ati: "Hari igihe umuntu aba afite inyota, akanywa iki gikombe kimwe cy'ikigage akumva aruhutse, sinibaza ko byagira icyo bitwara cyane. Rimwe na rimwe n'iyo twanywa tugakomeza akazi nta ngaruka nyinshi tubibonamo nka njye ntwaye igare mu gihe cy'imyaka 8."

Yongeraho ati: "Ntabwo nari nakora impanuka ngo nanyoye, Polisi rero usanga hano itubangamiye natwe ikaduhuhishamo, nta bwo turabyumva neza, ukuntu umuntu Polisi ivuga ngo yasinze ikamwambura igare ubundi ikamujyana mu kigo mbonezabupfura (transit center) ukamarayo ukwezi kumwe abiri se ..."

Undi munyonzi wahawe izina rya Nsabimana Erasto na we yunze mu rya mugenzi we, agaragaza ko kunywa bidakwiye gufatwa nk'ikibazo gikomeye.

Yagize ati: "Iyo wanyoye gake njye numva nta kibazo, icupa rimwe se ry'urwagwa ritwaye iki. Ikibazo ni abanywa byinshi bakaba bananirwa kugendera ku magare, Polisi nikomeze ikore igenzura ku batwara ibinyabiziga bifite moteri n'aho ku banyonzi numva nta kibazo, ntabwo twari twumva neza aho ibi bintu biganisha."

Nyamara bamwe mu baturage bo mu Karere ka Burera bavuga ko iki kibazo gikwiye gufatirwa ingamba zikomeye kuko bamwe mu banyonzi bagiye babihuriramo n'ingaruka bakagwa mu miferege (ligore) bakavunagurika, abandi bagapfa, bagakora impanuka batwaye abagenzi, bagapfa biturutse ku businzi bw'abanyonzi.

Mukandayisenga Claudine yagize ati: "Nigeze gutwarwa n'umunyonzi wari wanyoye inzoga, mu nzira akagenda atwaye igare adandabirana, yuzuye umuhanda, birangira antuye hasi ndakomereka. Ubu ni bwo namenye ko kwicara ku igare ry'umuntu wasinze ari nko kwishyira mu kaga."

Kaberuka Jean Damascene wo mu Murenge wa Rugarama muri Burera na we avuga ko bikwiriye kwamaganwa n'ubuyobozi kuko ari ihohoterwa rikorerwa abaturage mu gihe bareka bamwe mu banyonzi gukomeza gutwara amagare basinze

Yagize ati: "Umuntu utwarwa n'umunyonzi wasinze aba ari kwangiza ubuzima bwe ndetse n'ubw'abandi. Iyo mpanuka ibaye, ingaruka zigera kuri benshi, ikibazo n'amagare nta bwishingizi agira, njye numva iki kibazo ndetse Polisi idakwiye kukijenjekera igakora ubukangurambaga, gusa inzita iracyari ndende kuko nta munyonzi utanywa mu gihe ari mu kazi uko nababonye"."

Polisi y'u Rwanda ikorera mu Ntara y'Amajyaruguru, ivuga ko amategeko asobanutse neza ku bijyanye no gutwara ikinyabiziga icyo ari cyo cyose ku muntu wasinze.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyaruguru, IP Ngirabakunzi Ignace yagize ati: "Uko byagenda kose gutwara ikinyabiziga wasinze birabujijwe. Nta muntu igipimo kirenganya; gifata umuntu wese wanyoye, kandi iyo ngano ya alukolol iri ku gipimo cya 0.8, ntabwo rero bapima ubwoko bw'inzoga ngo wanyoye urwagwa cyangwa se ibindi ahubwo hapimwa ingano ya alukolo gusa."

Yongeyeho ko Polisi izakomeza ibikorwa byo kwigisha no kugenzura abanyonzi n'abandi batwara ibinyabiziga, kugira ngo hirindwe impanuka zishobora guterwa no gutwara wasinze, kandi ko igikorwa cy'ubukangurambaga kugeza ubu mu Turere twose tw'Intara y'Amajyaruguru kirimo gukorwa.

# Muhanga: Kwitabira ubworozi bw'amafi byabakuye mu bukene



Ubworozi bw'amafi bwabateje imbere

UWIZEYIMANA Aimable

***Abagize Koperative Ifi ya Gikeri (KOFIGI), y'aborozi b'amafi ihererey mu Karere ka Muhanga mu Murenge wa Mushishiro, bavuga ko nyuma yo kwinjira muri iyi Koperative byabafashije gutera imbere, bamwe bakaba batagisaba umunyu.***

Mukama Isabelle umwe mubagize Koperative Ifi ya Gikeri avuga ko kuba muri iyi koperative nk'umudamu byamufashije kwiteza imbere kimwe n'abaturanyi.

Ati: "Rero kuba muri iyi Koperative y'ubworozi bw'amafi, byafashuije kuva kugusaba umugabo buri kintu cyose ahubwo, nsingaye mbasha kwinjiza amafaranga agera kubihumbi 300 ku kwezi, ku buryo mu myaka maze muri koperative maze gukuramo amatungo arimo n'inka eshatu zifite agaciro ka miriyoni imwe n'igice."

Mugenzi we Hakizimana Jean de Dieu na we babana muri iyi koperative y'abarobyi ya Gikeri, avuga ko kuba muri koperative byatumye ava ku guca inshuro ahubwo aba umworozi ukoresha n'abandi bakozi.

Ati: "Nakubwira ko mbere ntaraza muri Koperative ngo nkore umwuga w'uburobyi n'ubworozi bw'amafi, nabagaho nsha inshuro, ariko kuri ubu ndi umworozi w'inka ebyiri naguze ibihumbi 800 by'amafaranga y'u Rwanda, zombi kubera uyu mwuga w'ubworozi bw'amafi mbikesha kuba muri koperative, ku buryo nanjye nkoresha abakozi barenze batatu mpemba ngo bampingire isambu kandi mbishuria 1500 ku munsi, rero navuga ko kuba muri koperative byampinduriye ubuzima."

Umukozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative (RCA) Kagabo Roger, ushinzwe igenzura ry'amakoperative, avuga ko koperative iyo icunzwe neza igirira akamaro abanyamuryango.

Ati: "Ni byo koperative iyo ikora neza abayobozi bayo bakorera mu mucyo ifasha abanyamuryango gutera imbere, ari na yo mpamvu duhora dukangurira Abanyarwanda kwibumbira mu makoperative ntibabe ba nyamwigendaho, kuko hari byinshi bashobora kugeraho igihe barikumwe n'abandi cyane cyane nko kubonera hamwe inguzanyo ifasha cyangwa n'abaterankunga babafasha mu mishinga baba bariyemeje nka koperative."

Kuri ubu Koperative Ifi ya Gikeri (KOFIGI), ikorera ubworozi bw'amafi mu gishanga cya Gikeri kiri mu Murenge wa Mushishiro mu Karere ka Muhanga, ikaba ifite abanyamuryango bagera kuri 15 barimo abagore batanu n'abagabo batanu hamwe na batanu b'urubyiruko.

Umusaruro w'amafi bamaze gucuruza uyu mwaka umaze kubazanira inyungu ya miliyoni 6 z'amafaranga y'u Rwanda.

# Rusizi: Uwari umaze iminsi 9 ahishije inzu n'igikoni yari yimukiyemo cyakongotse

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Mu ma saa tatu z'igitondo cyo ku wa Kane, tariki ya 18 Nzeri 2025, Cakwakuzi Straton w'imyaka 66, wari umaze iminsi 9 ahishije inzu n'ibyarimo byose, akimukira mu gikoni kitari cyahiye, na cyo cyafashwe n'inkongi kirakongoka.***

Yari atuye mu Mudugudu wa Cyapa, Akagari ka Burunga,Umurenge wa Gihundwe mu Karere ka Rusizi.

Aganira na Imvaho Nshya, uwo mugabo usanzwe ari umushoferi, yayitangarije ko uyu mwaka wamubereye mubi cyane kuko ku wa 30 Mutarama, ubwo yari i Ntendezi mu Murenge wa Ruharambuga imodoka yaje ikamukandagira ahagaze iramukomeretsa bikomeye, amara amezi 3 mu bitaro bya Gihundwe.

Cakwakuzi amaze koroherwa, hari mugenzi we ufite imodoka wamuhaye akaraka, amenye ko inzu ye yahiye igakongoka n'ibirimo byose, ngo kamufashe.

Ati: "Nari nkiri muri ako karaka ndimo mva i Rwamagana uyu munsi, bambwira ko n'agakoni na ko gahiye, umugore yagiye kwa Mudugudu kwandikisha iby'iyo nzu ya mbere ngo tuzabijyane kuri REG, kuko bari babidutumye, twaketse ko yatwitswe n'amashanyarazi."

Yakomeje asobanura ko hari hashize iminsi 9 gusa n'ubundi inzu ye nini babagamo ihiye igakongoka.

Ati: "Inzu nabaririaga agaciro ka 15.000.000 Frw yahiye ku manywa y'ihangu n'ibyarimo byose irakongoka, ubwo umugore yari yagiye muri gare ya Rusizi, abana bose bagiye ku ishuri. Icyo gihe ibyo nari nararuhiye mu myaka irenga 30 byose byarangiye mu minota itarenga 30, dusigarana imyenda twari twambaye gusa."

Uretse guhisha inzu, Cakwakuzi yakomeje asobanura ko umwaka utamubereye mwiza kuko ku wa 30 Mutarama, yakoze impanuka akajya mu bitaro.

Ati: "Namaze amezi 3 mu bitaro bya Gihundwe mvamo ngendera ku mbago na sima, mbimarana amezi 2, amezi aba abaye 5 kandi umuryango ubaho ari uko nahagurutse."

Yongeyeho ati: "Ubu bwo byatubereye urujijo kuko n'ubundi umuriro waturutse mu nzu imbere. Nta mashanyarazi twari dufite, na konteri REG yayijyanye. Ntawe nkeka wantwikiye nta n'icyari mu nzu dukeka cyatera umuriro, turibaza bikatuyobera."

Avuga ko nta bwishingizi yagiraga,yasigaye iheruheru, agasaba ubufasha ngo abone aho yarambika umusaya.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gihundwe, Iyakaremye Jean Pierre avuga ko mbere na bo nk'ubuyobozi bari baketse amashanyarazi ariko ubu bahageze bikababera urujijo.

Ati: "Inzego z'umutekano dushimira cyane zahise zitabara, zidufasha kuzimya ngo umuriro udakwira mu zindi nzu z'abaturanyi be, irazegereye cyane

Iperereza ryimbitse ryatangiye ngo hamenyekane nyir'izina icyateye izi nkongi zombi kuko n'ubu natwe byatubereye urujijo."

Yavuze ko Umurenge wahise ukora raporo yashyikirijwe Akarere ngo kamurwaneho, ndetse ashimira abaturage uburyo bagoboka abagize ikibazo, anaboneraho gusaba abaturage kwita ku bishoboka byose byabarinda ibiza n'inkongi.



N'igikoni bari bimukiyemo cyahiye kirakongoka





## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro

UMURENGE WA GIKONDO

Ref no: 1855/06/GKN/KCK/2025 Gikondo, kuwa 15/09/2025

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Umurenge wa Gikondo unejejwe no gutumira ba Rwiyemezamirimo, Amakoperative yujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira:

| NO | Izina ry ' isoko | Nimero y'isokO | Agaciro k'inyandiko y'ipiganwa | Itariki yo gusura |
|---|---|---|---|---|
| 01 | Isoko ryo Gukora isuku ku biro by'Umurenge ,utugali ,ku Rwibutso rwa Genocide yakorewe Abatutsi mu 1994 no gutwara courier mu murenge wa Gikondo. | 12/W/Gikondo sector/2025-2026 | 10,000 | 01 /10/2025 10h00' |

Inyandiko z'amabwiriza y'ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Gikondo mu minsi yose y'akazi guhera ku wa 16/09/2025 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga y'inyandiko y'ipiganwa adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority. Ibitabo bifunze neza bizakiririrwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Gikondo ku wa 15/10/2025 isaa yine za mugitondo (10h00) naho gufungura amabaruwa y'abapiganwa bizakorwa kuri uwo munsi saa yine n'iminota cumi n'itanu (10h15) zuzuye.

Mugire amahoro

**NIYONKURU Emmanuel**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

**w'Umurenge wa Gikondo w'Agateganyo**

website:www.kicukiro.gov.rw e-mail:gikondosector@yahoo.com Tel:0786700700

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUZIMA
AKARERE KA GASABO
IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU
B.P: 6183 Kigali.
EMAIL:kacyiruhealthcenter@gmail.com

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO**

IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU KIRI MU MUGI WA KIGALI, AKARERE KA GASABO, UMURENGE WA KACYIRU, AKAGALI KA KIBAZA, UMUDUGUDU WA VIRUNGA IRUHANDE RW'IBITARO BYA KACYIRU.

KIRAHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO BABISHOBOYE KANDI BAFITE IBYANGOMBWA BIBEMERERA GUPIGANIRA AMASOKO YA LETA KO GISHAKA GUTANGA AMASOKO AKURIKIRA:

1. ISOKO RYO GUSANA INYUBAKO
2. ISOKO RYO GUKORA MAINTENANCE Y'IBINYABIZIGA BYA MOTO

IBINDI BISOBANURO N'ANDI MAKURU Y'IBIRANGA AMASOKO YAVUZWE BIGARAGARA MU BITABO BISOBANURA AYO MASOKO BIBONEKA MU BIRO BY'UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA KUVA TALIKI YA 18/09/2025 KUGEZA TALIKI YA 08/10/2025.

USHAKA IGITABO AKAZAGIHABWA AMAZE GUTANGA INYEMEZABWISHYU YA 5000 FRW ADASUBIZWA YISHYUWE KURI KONTI IFUNGUYE MURI **ZIGAMA CSS NO 7021932 Y'IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU** .

BA RWIYEMEZAMIRIMO BABISHOBOYE KANDI BUJUJE IBISABWA BARASABWA KUGEZA IBYANGOMBWA HAMWE N'IBARUWA ISABA GUPIGANIRA ISOKO KU KIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU MU BIRO BY'UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA BITARENZE TALIKI YA 08/10/2025 SA MUNANI Z'AMANYWA.

**ICYITONNDERWA** :INYANDIKO Z'IPIGANWA ZIZAFUNGURWA TALIKI YA 08/10/2025 SAA CYENDA Z'AMANYWA MURI SALLE Y'IKIGO KANDI ABITABIRIYE IPIGANWA BAKABA BADAHEJWE. DOSSIER IZAZA NYUMA Y'ICYO GIHE NTIZAKIRWA.

BIKOREWE KACYIRU KUWA 17/09/2025

UMUYOBOZI W'IKIGO NDERABUZIMA CYA KACYIRU

MUKAGASANA Cementine

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ISOKO RYO KUGURA NO KUGEMURA IBIKORESHO BYA BIRO MU MURENGE WA MUGANZA MU MWAKA WA 2025/2026**

REPUBULIKA RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA RUSIZI

UMURENGE WA MUGANZA

E-mail: muganzasector@rusizi.gov.rw

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA ISOKO**

Ubuyobozi bw'umurenge wa Muganza buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga i**soko N°02/2025-2026/Muganza ryo kugura no kugemura ibikoresho bya biro.**

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka mu biro by'ubunyamabanga bw'umurenge wa Muganza **mu minsi yose y'akazi kuva 9h 00 kugeza 17h00**, uhereye kuwa gatatu tariki 17/09/2025. igitabo gihabwa umaze kwishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi ( **10,000 frw**) adasubizwa kuri konti y'ikigo gishinzwe kwakira imisoro n'amahoro ( **RRA** ).

Ibitabo by'ipiganwa bigomba kuba byanditswe neza mu bitabo bine (4), ibitabo bifunze neza mu ibahasha yanditseho inyuma <<***Gupiganira isoko ryo kugura no kugemura ibikoresho bya biro 2025/2026 mu murenge wa Muganza***>> kimwe ari umwimerere na kopi eshatu (3). Bigomba kuba byageze ku biro by'ubunyamabanga bw'umurenge wa Muganza, bitarenze kuwa gatatu tariki 01/10/2025 saa yine za mugitondo (10h00). Inyandiko zizaza nyuma y'iyi saha ntizizakirwa. Gufungura amabahasha ni kuri uwo munsi saa yine n'igice (10h30) za mugitondo mu cyumba cy'inama cy' umurenge wa Muganza

**Bikorewe i Muganza, kuwa 12/09/2025**

**NIRINGIYIMANA Patrick**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa

w'agateganyo w'umurenge wa Muganza.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**
**MINISTRY OF EDUCATION**
**NORTHERN PROVINCE**
**GICUMBI DISTRICT**
**RUKOMO SECTOR**
**GS MUNYINYA TSS**
**Tel: 0788631044, Email : gsmunyinya@gmail.com**

**ITANGAZO RY'IPIGANWA RY'ISOKO**

Ubuyobozi bw' urwunge rw' amashuri **GS MUNYINYA TSS** burahamagarira abantu bose babifitiye ibyangombwa kandi babishoboye ko bushaka gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho mu umwaka w' amashuri 2025/2026 bigabanyije mubyiciro bikurikira:

**Lot 1:** Ibikoresho byo mu mashuri rusange hamwe nibyo mubiro ( Teaching and office materials)

**Lot 2:**Ibikoresho byo kwigishirizaho mu ishami ry' ubukamishi (Automobile technology training consumables )

**Lot 3:** Ibikoresho byo kwigishirizaho mu ishami ry' amashanyarazi (Electrical technology training consumables )

**Lot 4:**Inkwi

**Lot 5:** Ibiribwa bibora hamwe n'umunyu.

Abifuza gupiganirwa amasoko yavuzwe haruguru bagomba kugeza amabaruwa yabo afunze neza mubunyabanga bw' ishuri bitarenze tariki ya 21/10/2025 saa tatu (9h00') za mugitondo, gufungura amabaruwa muruhame ni saa 9h30' za mugitondo.

Ibindi bisobanuro biboneka mu igitabo cy' amabwiriza y' isoko mubunyamabanga bw' ishuri nyuma yo kwerekana inyemezabwishyu (bordereau)yishyuriweho amafaranga ibihumbi bitanu (5000frw) adasubizwe yishyuwe kuri Konti nimero :**900008867400 ya GS MUNYINYA** iri mu Umwalimu Sacco.

Bikorewe i Munyinya, kuwa 19/09/2025

Umuyobozi wa GS MUNYINYA TSS
Ernest MANIRAREBA

# *Imvano y'uko ikiganiro Inzu y'ibitabo cyashyiriweho ibitaramo*



Umunyamakuru wigeze kubaho umuhanzi Dushimimana Jean de Dieu uzwi nka Dashim yamenyekanye mu kiganiro Inzu y'ibitabo

MUTETERAZINA Shifah

***Umunyamakuru wigeze kubaho umuhanzi Dushimimana Jean de Dieu uzwi cyane nka Dashim yasobanuye aho igitekerezo cyo kuba ikiganiro 'Inzu y'ibitabo' byararenze kuba ikiganiro gusa agahitamo kugishyiriraho gahunda y'ibitaramo.***

Abamuzi, Dashim mu buhanzi bamuzi mu ndirimbo zitandukanye zakunzwe mu myaka irenga 10 ishize aho yaririmbye ezirimo 'Gasaro ka Mama', 'Mabukwe' yakoranye na Uncle Austin hamwe na 'Bakunda Umurambo' zose zabaga zirimo inyigisho kandi zinabyinitse ku buryo bitagoraga uzumva kuzikunda.

Nyuma y'umuziki uyu musore yamenyekanye mu kiganiro yise Inzu y'ibitabo kibanda ku gutanga ubumenyi bugamije gutuma ubuzima bwa muntu burushaho kugenda neza dore ko habamo agace kitwa 'Ijambo ryahindura ubuzima' gakundwa cyane aho hari na bamwe usanga bakitabiraho ku matelefone yabo.



Dashim avuga ko yababazwaga no kumva ko iyo wanditse uba uhishe Umunyafurika ahitamo gukora igitaramo gitanga Ubumenyi

Aganira na Imvaho Nshya Dashim yayisobanuriye ko yitegereje agasanga gukomeza gukora ikiganiro gusa bidahagije kuko yababazwaga nuko hari imvugo ivuga ko iyo ushaka gushisha Umunyafuria umuhisha mu bitabo.

Yagize ati: "Igitekerezo cyo kuba 'Inzu y'ibitabo' cyarenga kuba ikiganiro kigashyirirwaho igitaramo kitwa 'Inzu y'ibitabo Sumit' cyaje nyuma yo guhora numva abantu bavuga ngo ushaka guhisha umunyafurika umuhisha mu bitabo [....] natangiye gutegura ibitaramo bigamije kwiga, abantu bagakururwa n'abahanga mu bwanditsi bw'ibitabo baza kwigisha."

Yongeyeho ati: "Na ba bandi bakunda kwidagadura ntibasigare kugira ngo nyuma yo kwiga habeho no kumva ubutumwa buri mu ndirimbo z'abatumirwa tuba twatumiye, gusa twibanda ku bahanzi baririmba indirimbo zirimo ubutumwa babandi n'ubundi dufata nk'inzu z'ibitabo."

Mu buryo bwikurikiranya, igitaramo 'Inzu y'ibitabo summit' kigiye kuba ku nshuro ya gatatu, iya mbere yabaye mu 2023, icya kabiri cyabaye tariki 31 Kanama 2025, mu gihe biteganyijwe ko tariki 05 Ukwakira 2025, kizongera kuba ku nshuro ya gatatu.

Dashim avuga ko mu gitaramo barimo gutegura gikurikiraho gifite insanganyamatsiko igira iti 'Si ko bizahora' kuko bifuje guhuza iki gitaramo n'iminsi ibiri ikomeye yizihizwaho amarangamutima ya muntu.

Ati: "Buri tariki 10 Nzeri, Isi yose yizihiza umunsi wa mbere w'ukwezi kwahariwe kurwanya kwiyahura, nanone tariki 4 Ukwakira, hakizihizwa umunsi mpuzamahanga waharirwe kumwenyura utangira ukwezi kwahariwe guseka, twahisemo 'SI KO BIZAHORA', bahishikariza abantu ko badakwiye kurengwa n'amarangamutima."

Kuri iyi nshuro ya gatatu abazitabira bazataramirwa n'abahanzi barimo Umusizi Murekatete hamwe n'Umuhanzi 'Bisangwa Ben Nganji' aho avuga ko mu gutumira abahanzi bibanda ku bahanzi bafite ibihangano bikubiyemo ubutumwa bwigisha.

Biteganyijwe ko abazakitabira bazakurikirana ibiganiro bizaba birimo abatumirwa batandukanye barimo Mwalimu Malonga, Rutangarwamaboko, n'abandi bakanataramirwa n'abahanzi kizabera muri Centre St Paul.


Mu gitaramo aba ari umwanya wo kubona ubumenyi no kumwenyura





# Rayon Sports yatsinzwe na Singida black Stars mu mukino wa mbere wa CAF Confederation Cup


Wari umukino ukomeye hagati y'impande zombi

SHEMA Ivan

***Rayon Sports yatsinzwe na Singida black Stars igitego 1-0 mu mukino ubanza w'ijonjora ry'ibanze rya CAF Confederations Cup wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 20 Nzeri 2025.***

Ni umukino watangiye ukinirwa cyane hagati mu kibuga amakipe yombi acungana.

Ku munota wa 22, Singida Balck Stars yafunguye amazamu kuri Coup-franc yatewe na Clatous Chama usanga Marouf Tchakei wari uhagaze neza ashyira umupira mu izamu n'umutwe.

Iyi kipe yo muri Tanzania yakomeje kwiharira umupira irusha cyane Rayon Sports yari ku rwego rwo hasi cyane mu mikinire.

Ku munota 40, Pavelh Ndzila yatabaye Rayon Sports, akuramo umupira wari utewe na Clatous Chama nyuma yo guhindurwa na Marouf Tchakei.

Igice cya mbere cyarangiye Singida Black Stars yatsinze Rayon Sports igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri amakipe yombi yatangiranye impinduka, Rayon Sports yakuyemo Adama Bagayogo asimburwa na Aziz Bassane ni mu gihe Idriss Diomande yasimbuye Emmanuel Keyekeh ku ruhande rwa Singida BS.

Rayon Sports yinjiye mu mukino itangira gusatira ishaka igitego cyo kwishyura inyuza imipira myinshi ku ruhande rwa Aziz Bassane.

Ku munota wa 65, Rayon Sports yabuze amahirwe yo kwishyura ku mupira Tambwe Gloire yahinduye mu rubuga rw'amahina, Ndikumana Asman araserebeka ariko ntiyafatisha umupira urakomeza.

Iminota 10 ya nyuma yarazwe no gushanwa hagati y'impande zombi buri mukinnyi agaragaza ko yakiniwe nabi.

Umukino warangiye Singida Black Stars yatsinze Rayon Sports igitego 1-0 mu mukino ubanza w'ijonjora ry'ibanze rya CAF Confederation Cup.

Umukino wo kwishyura uteganyijwe ku wa Gatandatu, tariki 27 Nzeri 2025, kuri Azam Complex Stadium i Dar es Salaam muri Tanzania.

Ikipe izakomeza hagati y'impande zombi izahura n'izava hagati ya Flambeau du Centre yo mu Burundi na Al Akhdar SC yo muri Libya mu ijonjora rya kabiri.

**Abakinnnyi amakipe yombi yabanje mu kibuga**

**Rayon Sports**

Pavelh Ndzila, Serumogo Ali, Nshimiyimana Emmanuel 'Kabange', Ndayishimiye Richard, Habimana Yves, Ndikumana Asman, Adama Bagayogo, Niyonzima Olivier Seif, Rushema Chris, Tambwe Gloire na Nshimimana Fabrice

**Singida Black Stars**

Amas Obasogui, Anthony Tra Bi Tra, Morice Chukwu, Clement Kibabage, Ande Koffi, Khalid Aucho, Gego, Marouf Tchakei, Clatous Chama, Emmnauel Keyekeh na Muaku.


Abakinnnyi ba Singida Black Stars bishimira igitego


Igitego cya Marouf Tchakei cyafashije Singida black Stars gutsinda Rayon Sports mu mukino ubanza


Wari umukino bakinanye mbaraga

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-31 TARIKI 16-22 NZERI 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Perezida Kagame yasuye umuhanda wa Formula 1 muri Azerbaijan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, uri mu ruzinduko muri Azerbaijan, yasuye umuhanda uberamo amasiganwa y'imodoka nto za Formula 1.***

Ni igikorwa cyabaye ku Cyumweru, tariki ya 21 Nzeri 2025, ubwo Umukuru w'Igihugu yasozaga uruzinduko rw'iminsi itatu yagiriraga i Baku kuva ku wa 19 Nzeri.

Ni uruzinduko rwari rugamije kurushaho gushimangira umubano mwiza uri hagati y'u Rwanda na Azerbaijan.



**Perezida Kagame yasuye umuhanda wa Formula 1 i Baku**

Ku munsi wa nyuma w'uruzinduko rwe, Perezida Kagame wari kumwe na Minisitiri w'Urubyiruko na Siporo muri Azerbaijan, Farid Gaibov, bajyanye gusura umuhanda wa Baku City Circuit.

Uyu ni umuhanda umaze imyaka icyenda wubakiwe kwakira amasiganwa ya Formula 1. Kuva icyo gihe ukaba ari umwe mu ikinirwaho rimwe mu masiganwa 24 y'iri rushanwa.

Mu mpera z'iki cyumweru, uyu muhanda wakiriye Azerbaijan Grand Prix, aho yegukanwe na Max Verstappen ukinira Red Bull Racing, uri guhangana no kwisubiza umwanya wa mbere muri uyu mwaka ufitwe na Oscar Piastri ukinira McLaren.

Mu mwaka ushize ni bwo Perezida Kagame yatangaje ku mugaragaro ko u Rwanda rwatanze kandidatire yo kwakira Formula 1 ku nshuro ya mbere muri Afurika mu myaka 32 ishize.

Kuva icyo gihe ibiganiro byo kwakira iri siganwa riyoboye andi ku Isi mu yo mu modoka byarakomeje.

Formula 1 ni irushanwa riri ku isonga mu akomeye mu mikino yo gusiganwa mu modoka nto, riba rigizwe n'amasiganwa 24 mu mwaka.

**SHEMA Ivan**

# Ngarambe Raphaël yatorewe kuyobora FRVB ku nshuro ya kabiri

***Ngarambe Raphaël wari umukandida rukumbi ku mwanya wa Perezida w'ishyirahamwe ry'Umukino wa Volleyball mu Rwanda (FRVB) ni we wongeye kugirirwa icyizere cyo kuyobora imyaka ine iri mbere.***

Ku wa 20 Nzeri 2025, ni bwo habaye Inama y'inteko rusange idasanzwe ya FRVB yabereyemo amatora ya Komite Nyobozi nshya y'iri shyirahamwe.

Ngarambe Raphaël umaze imyaka ine ayobora FRVB, yongeye kugirirwa icyizere atorwa 100% ku majwi 33 y'abitabiriye amatora.

Ku mwanya wa Visi Perezida wa mbere, hatowe Zawadi Geoffrey wari usanzwe ari visi Perezida muri manda iheruka ku majwi 33 kuri 33 naho Gagasira Janvier yatorewe kuba visi Perezida ushinzwe amarushanwa ku majwi 31 kuri 33.

Abakandida babiri ari bo Dukunde Jean Jacques na Ntanteteri Vedaste ni bo bari bahanganye ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru.

Dukunde Jean Jacques ni we watorewe uyu mwanya nyuma yo guhigika mugenzi we ku majwi 20 kuri 33 ni mu gihe Umulisa Henriette yatorewe kuba umubitsi ku majwi 29 kuri 33.

Komite Nkemurampaka igizwe na Ishimwe Clémence watowe ku majwi 23 kuri 33 na Nsengiyumva Alphonse wagize amajwi 31 kuri 33 naho Komite Ngenzuzi harimo Uwamariya Rose watowe ku majwi 28 kuri 33 na Bitukuze Scholastique wagize amajwi 28 kuri 33.



**Ngarambe Rafael yongeye gutorerwa kuyobora FRVB mu myaka ine iri imbere**